INTAMBWE ENYE ZIGANA KU BUBYUTSE

DALEN GARRIS

Intambwe enye zigana ku bubyutse

Gutunganyiriza umubiri wa Kristo

ububyutse bw'ibihe byose

Byanditswe na:

Dalen Garris

Revival Fire Ministries

Byahinduwe mu Kinyarwanda na:

Patrick Ntaganda

AEPC- Rwanda

1. Intambwe ya 1: Kwemera

"Nuko iryo joro ndasohoka nyura mu irembo rijya mu gikombe, nkomeza inzira y'iriba ry'ikiyoka no mu irembo rinyuzwamo imyanda, nitegereza inkike z'i Yerusalemu zasenyutse n'amarembo yahoo yahiye. Maze njya ku irembo ry'isoko no ku kidendezi cy'umwami, ariko ntihaboneka inzira y'ifarashi yari impetse. Iryo joro nzamuka iruhande rw'akagezi nitegereza inkike, mperako ndahindukira nyura mu irembo rijya mu gikombe, nuko ndagaruka." Nehemiya 2:13-15

Intambwe ya mbere yo guhindurwa uko ariko kose ni ukumenya ko tutakiri mu murongo w'umugisha twahozemo. Inkike zacu zarasenyutse, urusengero rwararimbutse, insengero zacu zajyanywe i Babuloni aho tugerageza gutsimbarara ku mihango y'idini idafite umumaro kugira ngo tugaragaze ko tukiri hafi y'Imana.

Nehemiya yahuye n'inkike zasenyutse n'amatafari yamenaguritse, ariko mbere yuko atangira umurimo wo kongera kubaka, yagombaga kubanza kumenya ibyaha by'abantu be bakoze ku Uwiteka Imana. Kwiyiriza no gusenga ubudasiba amanywa n'ijoro bigomba kubanziriza guhindurwa uko ariko kose. Iyo hatabaho ubwo bumenyi bwo kwihana mbere y'igihe, Nehemiya yari kuguma i Babuloni. Itorero naryo niritava mu by'idini rikihana, Imana ntizarisana kuko rigomba gusubira inyuma rikamenya icyariteye kwibanda mu by'idini mbere.

Abagenda gahoro mu nzira yo kuva mu mihango y'idini ntibiborohera kubona kobigenda byomboka mu rusengero rwabo kugira ngo bemere ko itorero ryabo ririmo gupfa. Uburyo butajya buhinduka bwo gukurikiza imihango y'idini yashyizweho n'abakurambere bacu butuma tutamenya akaga turimo. Ntitwabibona kuko ntitubyitayeho, kandi n'ikindi, ubona bidashimishije kutekerezaho. Biroroshye cyane gutega amatwi Pied Pipers utubwira ko Imana ikomeza kudukunda uko twaba tumeze kose, kuruta kumenya ukuri kubi kutubwira ko twavuye kera mu bwiza bw'Imana ubu tukaba dutegereje urubanza.

Ntitubireba kuko ntidushaka kubireba.

Isuzuma

Mbwiriza mu matorero y'abantu benshi mu bihugu byinshi, kandi hafi ya bose baba biteguye kumva umuvugabutumwa uturutse muri Amerika ubahesha umugisha mu butumwa bubongera imbaraga. Nyamara, ikintu cya mbere mbanza kubabwira ni ukubabwira ngo sinzanywe nokugira ngo babone umugisha, babone amafaranga, babone abagabo cyangwa imyaka yo mu mirima yabo igwire- naje kubereka ukuri.

Ikintu cya mbere mbanza kubasuzumiraho nukubabaza niba bizera ko bafite itorero ryiza. Niba banyuzwe n'itorero ryabo n'imigendere yabo ya gi kristo, sinkenera kurenga kuri ibyo. Ndifuza kubona iteraniro rifite inzara yo kumenya Imana cyane kurusha kugira ibikorwa by'urusengero gusa. Sindimo gushaka umuntu utareba- ndashaka abareba bonyine.

Ni bangahe bakijijwe mu cyumweru gishize? Mu kwezi gushize? Mu mwaka ushize? iki ni ikibazo kigomba kwigwaho mu buryo bwa gi kristo. Sinitaye kukuntu urusengero rwanyu rusa neza, ku kuntu umushumba wanyu asa neza, cyangwa uburyo mukundana- ese murazana abantu kuri Yesu Kristo? Yego cyangwa oya?

Buri cyumweru uhora wicaye mu ntebe imwe uzengurutswe n'amasura y'abantu adahinduka. Mukavugana ibintu byiza muhora muvugana mwavuganye mu cyumweru gishize. Mukavugana ko mushaka ububyutse, ariko mugatekereza ko buzamanuka buvuye mu bicu bukabagwaho mwicaye murambije mugaramye mu ntebe mukora ubusa. Nkuko umugani uvuga ngo, nukomeza gukora ibintu bimwe, uzakomeza kugira ibintu bimwe,

ariko niba ushaka kugira ibintu bitandukanye, ugomba gukora ibitandukanye. Kandi nukora ubusa, uzabona ubusa.

Mu bigaragara ugomba kumenya ko nta kintu gishya kirimo gukorwa mu itorero ryawe. Mwuka Wera ntagihari, n'abantu ntibarimo gukizwa- nta n'ikimenyetso kigaragaza ko hazigera habaho abanyabyaha baza kwakira agakiza vuba. Ese ubundi bazanwa niki? Ufite iki cyo kubaha kirenze icyo uhora ukora buri gihe, ibyakabaye bibakurura byashizemo uburyohe none ntakamaro bigifitiye abadakijijwe. Ahari baratinya kuza ku itorero ryawe kugira ngo batavaho banahinduka nkawe.

Abantu bamwe ntacyo bitayeho. Banyuzwe nuko babona itorero kandi ntibashaka icyababuza umudendezo bafite. Aya ni amacupa ya vino ashaje adashobora gushyirwamo vino nshya ngo hagire igihinduka. Ariko hakwiye kubaho igihe nibura tukamenya ko hari ikibura kandi ko umuriro wok u gicaniro cyacu wazimye. Nitumenya ibyo, nibwo imitima yacu izahindukirira kumva umuhamagaro w'Imana k'ububyutse.

Icyo yabasabye bwa nyuma

Igihe yari agiye kugenda, ikintu cya nyuma Yesu yadusabye ko tumukorera ni ukubwiriza ubutumwa mu isi yose, kandi aduha ubutumwa bukomeye. Umuntu dukunda aramutse agiye kudusiga mu gihe gisigaye cyo kubaho cyose, cyaba ari igihe kibabaje cyane. Mu gihe ageze ku muryango, atarasohoka, agahindukira akatubwira irya nyuma, icyo kintu gikwiye kutuguma ku mutima. Icyo kifuzo cya nyuma ni ingenzi cyane. Umubyeyi upfa amaze kugeza ikifuzo cya nyuma ku bana be cy'ibyo bazamukorera apfira mu mahoro azi neza ko bazabikora. Yesu yaduhaye ubutumwa bukomeye ari nacyo kifuzo cye cya nyuma. Niwo wari umugambi we wuzuye wo gupfa ku musaraba. Yesu yarapfuye kugira ngo akize abanyabyaha kurimbuka, arangije adusingira uwo murimo kugira ngo tuwusoze. Nta yindi nama yabagiraga yo kubasezeranya ko baziga, bazaba abayobozi bakomeye, abayobozi b'amadini bakomeye. Byari byoroshye- guhindura abantu abigishwa. Iyange, ikorere umusaraba wawe umukurikire. Ese ubundi yajyaga he? I Gorigota kwitangira abari barazimiye.

Ese twaba twarahisemo iyo nzira natwe, cyangwa twayobeye mu mayira y'idini idafite aho ituganisha? Twaba tumaze kwiyemeza ko turimo gusohoza ikifuzo cye cya nyuma twitabira amateraniro? Ese kwiteranira n'abakijijwe ntibyaba byarasimbuye gukiza abanyabyaha? Twaba tunyuzwe no kumenya ko dukijijwe, ariko tukishimira kwibera mu nyubako z'urusengero gusa? Twitaye ku byo mu itorero imbere ntiturebe hanze, tuba dutakaje intego y'agakiza kacu. Mu gihe itorero ritarenza amaso inyubako yaryo, riba ryirengagije impamvu nyamukuru yo kubaho kwaryo.

Ntitwakijijwe ku bwacu. Niba impamvu y'agakiza kawe ari ukujya mu ijuru, none kuki utaza ku ruhimbi, ukavuga isengesho ryo kwihana, warangiza ukikubita hasi ugapfa? Kuki wakomeza kubaho? Urangiza umwuka ku busa gusa. Kuki ukomeza kuba kuri iyi si? Genda. Va hano. Jya mu ijuru birangire!

Ah, ariko ntiwapfuye, ese wigeze upfa? Ahari byaba ari ibintu birenze agakiza kawe. Ahari twaba twarakiriye iyi mpano y'agakiza kugira ngo tuyigeze no ku bandi. Bitabaye ibyo ni iki gituma twaba tukiri hano?

Niba igicaniro cyacu nta kintu kiriho, turimo kwirengagiza iki kifuzo umukiza wacu yadusigiye bwa nyuma watangiye ubuzima bwe abantu twamaze kwirukana. Dufite ibirori byacu kandi twatumiye inshuti zacu, ariko ntitwashatse impumyi, ibisenzegeri, n'abakene nkuko Yesu yadusabye kubigenza.

Amasezerano yo gushakana

Muri Bibiliya yose, umuhango wo gushakana ni igishushanyo cyerekana isano dufitanye n'Imana. Yesu Kristo niwe mukwe ; twebwe turi umugeni. Ni nkaho Imana yaduhaye iki gishushanyo mu ishusho igaragara, ikintu gikomeye cyane ku masano yacu hano ku isi, gihoraho kandi gikomeye kinatwibutsa cyane ubuzima icyo ari cyo. Gushakana ntibishingiye ku mibonano mpuzabitsina gusa, nubwo urwo icyo gice cy'isano yacu n'umwuka w'Imana ari ingenzi. Ntanubwo bishingiye ku kwitanaho, gutunganya mu nzu no gusasa uburiri, guteka ibiryo no gukiza imyanda. Ibyo bintu byose bifite aho bihuriye n'imigenderanire yacu n'Imana, ariko intego nyamukuru yo gusahakana ni ukorororoka tukuzuza isi. Niko Imana yabwiye Adam, Nowa na Yakobo. Twashakanye na Yesu kugirango turere umuryango.

Umugore iyo abaye ingumba, cyane cyane mu isezerano rya kera, byabaga ari igisebo kuri we. Uyu munsi, birumvikana abagore bacu bafite ibindi bashyize imbere, kurera ntibigifite agaciro nk'ako byahoranye, ariko nubwo bitateweho uyu munsi, igishushanyo gihora kigaragara- umugore yari uwo kubyara akarera umuryango. Iyo nshingano yashyizwe kw'itorero, umugeni wa Kristo.

Numvise abantu bamwe bisobanura kubyo kuzana abantu kuri Kristo bavuga ngo imbuto dusabwa kwera ni imbuto z'umwuka zisangwa mu gitabo cy'Abagalatiya 5:22. Simbyemera. Ziriya mbuto ni iziboneka iyo Mwuka Wera akorera muri twe, ntabwo ari umurimo wadushyiriweho ngo tuwusohoze. Ubutumwa bukomeye ntibudusaba kugira ingeso nziza, ahubwo ni ukugenda tugahindura abantu abigishwa. Koroha k'ubutumwa bwiza bihinduka ibikomeye bitewe n'impamvu dutanga iyo twanze kureka uburyo bwacu bwo kwinezeza.

Ingero ebyiri zikomeye z'ikifuzo cy'Imana cyo kwera imbuto ziboneka muri Hana na Rasheli, bombi bari abagore b'ingumba bahigiye Imana umuhigo kugira ngo ibakureho igisebo cy'urushako rutororoka. Bari bafite igisuzuguriro ku buryo bugaragara, nubwo bombi bari abatoni ku bagabo babo. Intego yabo ntiyari urukundo rw'abashakanye, ahubwo yari urubyaro. Ntibyerekanaga agaciro kabo gusa, ahubwo byari iby'agaciro cyane ku bagabo babo. Natwe dukwiye kubahisha Kristo.

Itorero ry'uyu munsi ni umugore w'ingumba. Ntacyo bivuze uko yaba ari mwiza kose, uko yaba akize kose, ubumenyi yaba afite bwose, niba itorero ritabyara, ni umugore w'ingumba. Dushobora kuba twakubaka amazu y'ibitabashwa kugira ngo tugaragaze ubutunzi n'ubuzima bw'itorero ryacu, ariko tukamara igihe gito duhaka ubugingo bw'abantu bajyamo. Amazu meza yo guhuriramo no kwiyakiriramo yoroshye cyane kubaka kurusha guhamya imbere y'abadakijijwe. Ni uburyo dukoresha kugira ngo twirinde kujya impaka. Twumva twakomeza kuba abagabo bo guhamya tudahuye n'ibidukomereye ngo biduhinyuze.

Sibyo se? Ese ntimubibona aho muri? Wowe n'itorero ryawe muheruka ryari kujya mu mihanda mukajya guhairiza abagenzi mubabwira iby'agakiza? Kandi itegeko rirumvikana muri Luka 14:23 kugenda mu nzira nyabagendwa no mu mihora no kubahata kuza mu nzu ya so kugirango ubukwe bw'umwana w'intama bucyuzwe. Ni iki kikubuza kubahiriza iri tegeko? Niba ari ugutinya umuntu, ubwo ntabwo utinya Imana. Niba bigutera isoni, ubwo nta rukundo ufitiye abandi. Niba ari ukugira ngo wemerwe n'abantu ubwo ubaswe n'isi. Niba utekereza ko ufite ikindi gitekerezo cyiza, ukwiye kumenya ko inzira ijya mwijuru iruhije. Igisabwa gusa ni ukwizera no kumvira. Kandi kumvira biruta ibitambo, ariko kwigomeka ni nk'icyaha cy'uburozi.

Ikintu kitubuza cyane kuba abantu bahamiriza isi ni ukutagira ishyaka. Ntabwo dufite wa muriro w'ibyishimo wadufasha tutitaye ku isoni twaba dufite zo kubwira abagenzi ibyiza Imana irimo gukora mu itorero ryacu ndetse n'ibyo yabakorera. Turabura umuriro. Mbere yuko ducana umuriro mu isi, hagomba kubaho umuriro mu itorero ryacu. Niba nta muriro uhari, abatarakizwa bazakomeza bikurikirire isi. Ese bahaguma bahashaka iki?

Ufite iki cyo kubaha kitari ubumenyi bw'Imana ufite? Dukwiye kuba hari icyo dufite cyo kubaha bifuza. Iyo umuriro waka mu itorero, biduha imbaraga zo gusangira ibyishimo byacu n'abandi- buri wese, buri wese. Tudafite uyu muriro, twaba dupfa kwigumira mu biganiro kuko dutekereza ko ari byo tugomba gukora. Dukeneye umuriro utwika cyane kugirango ubushyuhe bwumvikane mu isi yose. Ibi nibyo ububyutse bukora.

Ibitangaza

Umwuka uzana abantu ku gicaniro ninawo mwuka ukiza abarwayi, uzura abapfuye ukora ibitangaza. Mu gihe bigaragara ko byoroshye gusobanura ibicaniro byanyu biriho ubusa mwifashishije impamvu z'idini, birakomeye guhakana kubura kw'imbaraga z'Imana zikora ibitangaza Bibiliya ivuga ko zizatembera ku bizera. Umuhanuzi Yoweri yatangaje ko Imana izavanaho (ingano ikora umutsima w'ubugingo), vino (umwuka wo gusenga), n'amavuta (gusigwa n'Umwuka Wera). Mu yandi magambo, ntabwo turimo kubona ijambo ry'Imana mu buryo bwuzuye, amasengesho yimbitse yashobora kutuzana mumbaraga zo kubaho kw'Imana, cyangwa ibitangaza bishobora kuzanwa n'Umwuka Wera gusa. Nta bitangaza bihari kubera ko amavuta yarahagaze.

Gideyoni yarebye ubwihebe bwari muri Isirayeri. Abisirayeri bari baraririye Imana kugira ngo ibabohore, ariko igisubizo Imana yabahereye I Bokini nuko yari yarabahaye amategeko yayo ngo bayubahirize ariko bagatoranya gukurikira isi, bigatuma abanzi bagabizwa igihugu. Ubwo rero Gideyoni yagombaga gusekurira ingano mu muvure rwihishwa. Gusekura ingano, aribyo bitanga umutsima w'ubugingo, kandi umuvure w'amasengesho ariyo dushakisha mu maso h'Imana byagombaga gukorerwa mw'ibanga. Ariko ni muri uwo mwanya w'ibanga n'Imana amasengesho yacu asubirizwa.

Imana yohereje marayika wise Gideyoni umunyambaraga ugira ubutwari, ariko igisubizo cya Gideyoni kuri Marayika cyari ngo mbese ibitangaza ba data batubwiraga biri hehe? Imirima yari yari yarasaruwe n'Abameleki yari ubuhamya burakaje bugaragaza ibibaho iyo ugiranye imishyikirano na Satani. Iyo twemereye isi kutujyanira ibisarurwa byacu, dusoza dutanze uburenganzira bwacu. Dusigara turi abanyantege nke imbere yabo. Kandi nitwe tuba twarabahaye ikaze!

Gideyoni yamenye agahinda bari barimo asekura ingano ze akoresheje umuvure w'Imana mu gihe abandi bari banyuzwe no gukomeza kugendera mu nzira bari barimo, ndetse bakomeza no kubaka ibicaniro bya Baali amu buryo bwo kunezeza abanzi babo kuko bari babuze ibyiringiro. Mu gihe abandi bari banyuzwe n'itorero ripfuye, Gideyoni we siko yari ameze.

Marayika yasubije Gideyoni aramubwira ati: "Genda uko imbaraga zawe zingana, kandi uzacungure ubwoko bwa Isirayeri." Izo mbaraga zari izihe? Imbaraga za Gideyoni zari uko yamenye uburyo bari bararetse imigenzo y'iwabo bakanatandukana n'Imana kandi ntiyashakaga kwemeranya nabyo.

Igisubizo yasubije Marayika cyagaragazaga agahinda n'umubabaro:

"Mutware niba Uwiteka ari kumwe natwe ni iki gituma ibyo byose bitubaho? N'imirimo ye yose itangaza iri he, iyo ba sogokuruza batubwiye ngo 'Uwiteka ni we wadukuye muri Egiputa?"

Yego. Ikibazo cyiza. Ibitangaza biri he? Uheruka kubona ryari umurwayi akira, uwapfuye azuka, abantu buzura umwuka weraer mu materaniro yacu, abantu bajya imbere gukizwa? Niba amatorero yacu ari meza cyane, umwuka w'Uwiteka yagiye he? Ibitangaza biri he?

Kwizera gukira indwara ni guke kubera ko ntidutekereza ko byabaho. Ibiganza dukoresha dusengera abarwayi ni nabyo dukoresha twakira impapuro za gahunda duhawe na muganga. Tukabyita ubwenge, ariko Imana ibyita kutizera. Ntiwagerageza gusengera umuntu wapfuye ngo azuke! Ibyo bigaragara ko wasaze. Twebwe, mu buryo bwo kutigirira ikizere mu buryo bw'umwuka,twiringira ko twabona amahoro adashobora kuboneka muri iyi si. Ariko abantu b'Imana nka Gideyoni babona ibidakwiriye, bakanga kunyurwa batarabitunganya.

Gupfa kw'ibitangaza mu matorero yacu bigaragaza gupfa mu mwuka ari nacyo kibitera. Kandi tukumva tunyuzwe rwose aho guhangana n'ukuri ko imbaraga z'Imana zatuvuyeho ndetse tukaba dufite insengero zirimo ubusa zasenyutse.

Ibisarurwa birangirika

"Ibyasigajwe n'uburima byariwe n'inzige, kandi ibyasigajwe n'inzige byariwe na kagungu, n'ibyasigajwe na kagungu byariwe n'ubuzikira." Yoweri 1:4

Igice cya mbere mu gitabo cya Yoweri kirasobanura uburyo abantu bari bararetse imigenzo y'idini yabo n'ububyutse mbere gato yo kugaruka k'Umwami. Ibisarurwa mu mirima byakomeje kwangizwa n'ibyago bikurikirana kugeza ubwo nta kintu cyasigaye. Arahamagarira abasinzi n'abanywi b'inzoga, abahamagarirwaga kurinda vino n'igiti cy'umutini cy'Imana, aravuga ati bizakurwa mukanwa kabo no munzu y'Uwiteka. Ingano (ijambo ry'Imana) ryarangijwe, vino nshya (gusengera mubumwe) byarumye,n'amavuta (gusigwa amavuta y'Umwuka wera) yari yarashize. Ndetse n'ibitambo byari bitagitambwa mu nzu y'Uwiteka.

Uwiteka arahamagarira abakozi b'Imana kuririra no kuborogera itorero riri mu bwigunge. Inka zabira iyo zishaka ubwatsi bwo kurisha, zikazerera zishaka ubwatsi, ariko zikabubona. Mu biraro, aho ibisarurwa by'abaza kuri Yesu bagomba kuzanwa byarasenyutse. Ndetse n'imigezi y'amazi y'ubugingo yarakamye.

Nimumware mwa bahinzi mwe, namwe abahingira inzabibu nimuboroge, muririre ingano na sayiri kuko imyaka yo mu mirima irumbye." Yoweri 1:11

Ibi nibyo bintu bibi turegwa cyane. Ibisarurwa aribo bantu baza kuri Yesu barimo kurimbuka banajya mu muriro kandi Imana nitwe ishinja. Ni twe twari dukwiye kuzana iminyago mu nzu y'Uwiteka. Ariko se hari ikimwaro dufite ? Akenshi nta mwanya dufitiye itorero.

Iki nicyo gishushanyo cy'itorero igihe umunsi w'Uwiteka uzaba wegereje. Amosi yavuze ko hazabaho inzara, itari iy'ibyo kurya cyangwa ibyo kunywa, ahubwo izaba ari iyo kumva ijambo ry'Imana. Dufite insengero ahantu hose, ariko ntabwo zirimo kugaburirwa iby'Imana muburyo bwimbitse. O hari za Bibiliya hirya no hino, ariko nkuko Yesaya yarize mu gice cya 29 :11, igitabo gifatanishije ibimenyetso nitwe twagihawe- turagisoma, ariko ntitugisobanukirwa. Ingano, ijambo ry'Imana nyaryo, ryarumye. Turabira, ariko ntituzi aho twajya kugira ngo tubone ibyo kurya kuko ububiko bwabyo mw'isi y'umwuka bwarasenyutse.

Iyo nza kuba ndi impumyi y'injiji itanazi ubwenge bw'isi inzengurutse, iki gice cyo mu gitabo cya Yoweri cyonyine cyaba gihagije kunyemeza ko itorero mu minsi ya nyuma ryagiye kure y'Imana ku buryo hasigaye ubutaka butoshye bucye niba hari ubusigaye bwo gusarurwa kandi bwahoze bshimishije bubuhindurira abantu kuri Yesu no gutemba k'Umwuka w'Imana. Itorero ryacu ryarapfuye, ariko tumenyereye cyane kuva ku mu myemerere yacu ku buryo duhakana niyo ibyanditswe byera bibiduhamiriza.

Inzitizi igaragara

Muri iyi nzira yo kwisobanukirwa, dukwiye kumenya neza ko, uko twakunda itorero ryacu kose, niba tutazana abantu kuri Yesu, nta bubyutse dufite. Mu buryo bworoshye kandi bugaragara, iyi niyo nzitizi ikomeye ituma amatorero menshi atabona gukora kw'Imana.

Yesu yavuze ko ntamuntu waza aho ari keretse data ari we umuzanye. Dushyize mu bwenge, niba ari umwuka w'Imana utuma abantu bihana abantu bakaba batarimo kuza ku ruhimbi rwanyu, ubwo biduha impamvu yo kuvuga ko Imana itarimo kuhabegereza. Mugomba kwibaza impamvu ibitera.

Turi umunyu w'isi, utuma ibyokurya bigira uburyohe. Niba twaratakaje uburyohe bwacu, ubwo ntakintu kiza dufite. Isi ifite inzara yo kumenya ukuri, ariko ntabwo bakeneye ibyo dufite kuko nta buryohe bifite.

Ese ibicaniro byanyu byaba biriho ubusa? Haba hariho urupfu rw'ibitangaza bikomeye no kugendererwa? Amateraniro yanyu yaba yarakayutse nta ngingo zifatika zigisha iby'Imana ahubwo hibereyemo imivugo n'imikino? Imbaraga z'umwuka wera zaba zitagitembera mu materaniro yanyu? Ese mwigeze mubona mwuka wera? Ahari cyaba aricyo gihe cyo kumenya ukuri yuko hari ibidatunganye mw'itorero ryanyu. Hari ikintu gikomeye mu migendere yawe n'Imana kibura, kandi tugomba kukigarura. Nimutabikora, aho kugendana n'Imana, muzisanga mugenda mudafite intego.

Nibyo ushobora kuba unyuzwe cyane n'itorero ryawe uko rimeze. Niba ari uko bimeze, uzabona icyo wifuza. Imana ntizagusunikira kurenga aho ushaka kugera. Iramutse ibikoze, ntiwamenya igiciro usabwa, ndetse ntiwanashobora kurera abana muri Kristo yaba yarabohererereje. Yitangiye abo bantu b'agaciro, kandi ntazigera abegurira abantu batagira icyo bitaho batanitangira abandi.

Itorero ridahindura abantu rimeze nk'igiti cy'umutini cyumye kidafite imbuto; umuzabibu ufite amashami yumye. Yesu yavumye igiti cy'umutini nubwo kitari igihe cyacyo cyo kwera. Nta mpamvu watanga ikubuza kujya mu rubanza rw'Imana mugihe utarimo kwera imbuto. Nta gihe kitari icyo guhindura abantu.

Igiti cy'umutini kitera imbuto gikwiye gutemwa kuko kuko kiba gipfuye kidashobora kongera kubaho kandi kiba gicura ibindi biti. Iyo amazi arekeyaho gutembera mw'itorero ryanyu, ntacyo riba rikimaze riba rikwiye gutwikwa. Iyo mutakibona abantu bakizwa, abarwayi bakira, ibitangaza n'imbaraga z'umwuka wera zigaragara, ahari nicyo gihe cyo kwemera ko itorero ryanyu ryapfuye.

Urukundo, rurengeye byose

Akenshi numva abantu bamwe bihutira kuburanira itorero ryabo bagaragaza imirimo myiza. Bagaburiye abakene, binyuze mu mfashanyo bahaye abana ibikinisho, bakoze imirimo y'ubwitange bafasha abatishoboye- ibyiza byinshi, ariko sibyo bimenyetso by'ububyutse.

Harimo imirimo myinshi myiza twakora- kandi dukwiye gukora- nk'itorero rya Yesu Kristo, ariko abadakijijwe nabo bakora iyo mirimo kandi ntibivuze ko baba bujujwe imbaraga z'Imana. Urukundo, urukundo nyarwo, ruruta imirimo myiza. Urukundo ni ukwitanga binyuze mu rukundo kugira ngo abantu bakizwe. Yesu mu bumuntu bwe, mu busobanuro bw'igikristo, ubusobanuro bw'umusaraba. Intumbero nyamukuru yabyo ni ukuzana abakizwa kandi mukanabarera. Iyo hari urukundo mw'itorero, abagize itorero bazazana abazimiye

kugira ngo bumve ubutumwa. Iyo rudahari, nta muntu uba ufite umutima w'abazimiye, n'ibicaniro bisigara biriho ubusa.

Yesu yadutegetse gutumira abarwayi, ibisenzegeri, n'abakene mu birori byacu by'urukundo, atari ugutumira inshuti zacu gusa, ariko iyo turebye mw'iteraniro dusanga abantu ari babandi basanzwe tubona buri cyumweru. Niba ari uko bimeze mu matorero yanyu, ubwo haraburamo urukundo, ndetse nta n'ububyutse.

Igice cya 6 cy'igitabo cya Amos kidushushanyiriza abantu baguwe neza, banejejwe n'imigisha y'ubuzima, ariko badatewe agahinda n'abazimiye. Biryamira ku bitanda byabo byiza, ariko nta gahinda bafite k'umubabaro wa Yozefu. Kandi nibo ba mbere bazajya murubanza, kuko urubanza rugomba gutangirira munzu y'Imana. Ibi sugupfa guhitamo ibitagira ingaruka. Niba mudafite urukundo rutuma mushaka izazimiye, mugafatisha mw'itorero ryanyu amazi agatangira gutemba nanone ava mu muzabibu w'ukuri, muzahura n'umujinya w'Imana kuko ntimwitaye kubo yitangiye kugira ngo abakize.

Imigani 29:18 haratubwira ngo aho guhishurirwa kutari, abantu bahinduka ibyigenge. Ihishurirwa ryawe rigomba kuba rikuruta ubunini, riruta amateraniro yanyu yo kucyumweru, riruta igishushanyo cy'idini ryawe-hakwiye kubaho ububyutse kugira ngo itorero rigire imbaraga ndetse rihindure abantu abigishwa ba Kristo. Ikiri hasi y'ibyo n'itorero ry'imikino.

Bizasaba iki kugira ngo umenye neza ko hari ikibura mw'itorero ryawe? Twamaze igihe kinini nta bubyutse nyakuri kuburyo tutanemera ibimenyetso bigaragara by'urupfu rwacu, tugaragaza impamvu zo kwigereranya n'andi matorero yapfuye kugira ngo atwemeze ko turi "bazima".

Niba icyo mushaka ari ukuba bazima gusa mugafata inzira y'ubusamo y'ubukristo mwishakiye, ubwo ntimuzabona imbaraga z'Imana mu bugingo bwanyu. Niba ibyo ari byo mwifuza gusa, nibyo muzabona. Ariko niba mushaka kubona imbaraga z'Imana zuzuye, mugomba kubanza mukemera ukuri yuko ntabubyutse mufite.

Aho honyine niho hazatuma ugera ku ntambwe ikurikiraho kugirango ubone ikintu kidasanzwe kiba kikazanavugwa ubuziraherezo.

11. Intambwe ya 2: Kwifuza ububyutse

Rasheri abonye yuko atabyaranye na Yakobo agirira mukuru we ishyari, abwira Yakobo ati"Mpa abana nutabampa, nutabampa simbaho." Itangiriro 30:1

Kumenya ko nta bubyutse mufite mw'itorero ryanyu ni ikintu kimwe, ariko gitandukanye no kuba mubushaka. Byaba bigaragara ko ibi bintu bibiri bijyanye ariko siko biri.

Rasheri ntabwo yisabiraga umugisha- yari ababajwe n'abandi. Aho niho abenshi tugwa. Si ku bwacu- ni kubw'abandi. Ubu bubyutse sikubw'ububyutse cyangwa imbaraga z'Imana kugira ngo twumve tumerewe neza. Ni ikizere cyo mu mutima cyuko abantu bagiye kuzajya mumuriro niba ari ntacyo dukoze ngo tubihagarike.

Wari ukwiye gushaka ububyutse ku bubi n'ubwiza. Nka Rasheri, ukwiye gushaka ububyutse cyane ku buryo wanabupfira ; ukaba wanatanga ubugingo bwawe kugira ngo ubone abantu bakizwa. Ikitari icyo, byaba ari nko gusakurisha idebe ririmo ubusa- urusaku rwinshi, ari nta kintu kirimo. Cyangwa nkuko 2 Petero abisobanura, imigezi idafite amazi n'ibicu bidafite imvura. Tuvuga ko tubushaka kuko tuzi ko dukwiriye kubugira, ariko tubushaka dute mu byukuri ? Igiciro cy'ububyutse nyakuri kiri hejuru y'ibyo umuntu yakwishyura. Bisaba umwuka w'Uwiteka kutuzana ahantu ho kutihugiraho ari byo bizadukura mu kugubwa neza kwacu tukishyiraho kubabara k'umubiri wa Kristo.

Ibintabwo ari ukutita ku mibabaro, ahubwo nukumaramariza kwitanga, mu buryo bw'umubiri no mu mwuka, kugira ngo tubone impamvu nyamukuru y'ingoma y'ubutsinzi ya Kristo. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe, Imana ntabwo itwihanangiriza itubwira ngo abageragezа bazarya ku giti cy'ubugingo, ahubwo abazanesha. Inzitizi ikomeye cyane duhura nayo ni ibyifuzo bya kamere yacu. Dukwiye kugera aho turenga ibisanzwe n'ibituma tugumwa neza tukinjira mu kugendana n'Imana tugashobora guhamba ibyifuzo bya kamere kugira ngo tugendere mu mwuka w'Imana. Iki ni ikintu Imana itugerageresha kugira ngo irebe kumaramaza kwacu. Kirobanura intama mu ihene kikanahagurutsa abantu nyakuri b'Imana kibakura mu ntege nke.

Guharanira guhinduka

Abantu benshi ntibakunda guhinduka. Iyo bateguye ibintu uburyo batekereza bishobora kuba bimeze, babirengera bivuye inyuma. Abantu benshi bifuza kubona inkuta zibazengurutse kugira ngo babone umutekano. Iyo hagize igihungabanya uwo mutekano gihungabanya n'uburyo baba bateguye ibintu byose mu bwenge bwabo. Bahura n'ikibazo cyo kugedera ku butaka budakomeye, rero biroroshye gufatwa n'imico bamenyereye kurusha uko bamenera mu kintu kigaragara nkaho kidasuzumwe cyangwa ari ivugurura matwara. Bafatiwe muw'itorero nkuko bisanzwe- amacupa ashaje ya vino adashobora kujyamo vino nshya.

Ikibazo nuko imfatiro bubatseho zishingiye ku mahame mabi. Kwizera niko kuduhamiriza ibyo tutareba, kandi nukumenya rwose ibyiringirwa. Niba ibyiringiro byawe bishingiye kubyo ushobora kubona kuko utashobora kwihanganira ibyo utareba, bizagukomerera cyane kwakira impinduka idasanzwe murusengero rwawe.

Lazaro yarahamagawe ngo ave mu gituro, ahambiriye amaboko n'amaguru mu gituro yambaye imyenda y'imihango y'idini kandi mu maso he hari bafunze umwenda kugira ngo atareba. Abenshi muriyi minsi bafungiye munsi y'ibuye risa rityo ry'idini badafite aho basohokera. Itegeko rya Yesu ryari ukubohora Lazaro muri iyo migenzo agasigara abohotse. Bisaba ikiganza cy'Imana kugira ngo ubirindure iryo buye ngo babohoke, ariko itegeko yaduhaye ni ukubabohora bakava mu migenzo iboze ibafunga. Ntibabyikorera. Tugomba gufatira bano bantu mu masengesho, kuko Imana yonyine niyo yahumuriza abantu bakareka imigenzo ikomeye.

Ubunebwe no kutagira inshingano

Hari abandi bifitiye ubunebwe bwo gushaka ububyutse. N'umuntu utazi ubwenge wese yamenya ko gushaka ububyutse ari ukubikorera, kandi abantu bamwe ntibita ku kubiharanira. Ntacyo bibabwira iyo hagize undi ubibakorera, ariko ntuzabasabe kubamba umubiri wabo, cyane cyane ku muntu batazi. Bashobora guhamya mu gihe abo babwira bakijijwe kandi bakemeranwa nabo, ariko ntubasabe kujya mu mihanda no mu miharuro guhamya kubw'abantu bazimiye. Bari mu gakiza hahandi bibwira ko umushumba wabo wabo ariwe uzabajyana mw'ijuru, ariko nubwo wakwihisha ku ntebe y'inyuma mu rusangero, ntiwakwihisha intebe y'urubanza y'Imana.

Igihe nari nkiri muto mu gakiza, nayibajije impamvu abantu bamwe bakizwa abandi ntibakizwe ; impamvu abantu bamwe bahama mu gakiza abandi ntibagahamemo. Yahise ivugana nange, *« abantu bamwe bagira ibyo bitaho, abandi ntibagire icyo bitaho. Nuko bimeze. »* Icyo ni kimwe mu bintu bikomeye nigeze kumva. Amazi yishakira inzira. Buri muntu ashobora kumenya ikifuzo, ariko tutabyitayeho, tuzakomeza kuguma hahandi twumva tuguwe neza. Ariko niba dushaka ububyutse, tugomba kubyitaho cyane tukarenga ibyifuzo bya kamere yacu. Nitugerageza kuzamura ishyaka ryacu tudafite umwuka w'Imana mumitima yacu, ntituzatinda gusubira hahandi tuba tuguwe neza. Imana yonyine niyo yadushoboza, kandi ninayo idutera kugira ishyaka ryo kutaguma kunyurwa nibyo turimo ariko tugomba kubisaba.

Muri Luka, handitse ngo ese umwana agusabye umugati, wamuha ibuye? So wo mw'ijuru azabura guha Umwuka abawumusaba? Icyaha cyacu, rero, kizaba yuko tutigeze tubyitaho cyane kubisaba. Iyo tubisaba, ni ukuri Imana yari kuduha ikifuzo n'imbaraga zo kwikorera umutwaro yadusabye kwikorera. Nkuko se wa wamwana yasabye Yesu ngo amukize kutizera kwe muri Mariko 9:24, niko natwe twatakamba ngo Imana ishyire ishyaka rihoraho mu mitima yacu kugirango tugire ububyutse, kwera n'iryo kuzana abandi kuri Kristo ari byo bizatugira abo tutaribo. Nitudasengera uwo mutwaro, ntituzatinda kugwa tugasubira aho twahoze turi.

Mu gihe intambwe ya mbere ari ukureba ukuri kw'ibifatika, ndizera ko iyi ntambwe ya kabiri yo gushaka Imana kubw'inyota y'ububyutse ni ikizamini cya mbere tugomba gutsinda mbere yuko tubona Imana ikora. Ugomba gushaka ububyutse cyane kuburyo bikuraza ishinga. Ntayandi mahitamo wagira, ntan'izindi nzitwazo nib anta bubyutse buhari. Ukwiye gukangurwa n'umuriro ukugurumanamo utagomba kuzima kugeza ubwo ububyutse buboneka. Ariko Imana niyo yonyine yabiguha. Ntibyizana – ni kubw'ubuntu bw'Imana gusa. Rero tugomba gushaka mumaso h'Imana kugira ngo tubone ubwo bubyutse. Tugomba guhitamo gutangira urwo rugendo dusaba Imana ngo idufashe mu ntege nke zacu kandi tugire umuriro mu mitima yacu. Niba twitaye kubyo dukora, tuzakomeza dusenge kugeza ubwo tubigeraho. Niturambirwa tutarasubizwa, ubwo tuzaba dutakaje icyo twahamagariwe, kandi binyuze mu mahitamo yacu, ntituzaba tunaniwe kumvira Imana gusa ahubwo natwe ubwacu n'abantu benshi batabarika bakabaye babona agakiza binyuze muri twe.

Imana ntizigera yohereza abantu bayo b'agaciro ku bantu batabitaho babasengera ndetse baniyiriza. Iramutse ibikoze, bahita bapfa kuko nta muntu waba abafitiye umutwaro wo kubitaho, no kugumisha uwo muriro ugurumana. Ariko niba abantu mw'itorero bafite ishyaka ryaka muri bo ryamena rigashaka mu maso h'Imana kubw'abaza kuri Kristo, ubwo Imana niyohereza abo bantu, bazabaha agaciro nk'Impano y'agaciro bahawe.

Nitunesha integer nke zacu tukarenza amaso tukagira iyerekwa ryo kurenga imbibe z'amateka twanyuzemo, tuzabona Imana yahoze idutegereje yihanganye twizere imbaraga zayo zo muburyo budasanzwe. Aba ni abantu b'abizerwa Imana yashobora gukoresha kuzana ububyutse. Abaguye isari, abatizera n'abanyabwoba

ntibazazamuka cyane ngo babone umusozi Pisiga kugira ngo babone igihugu cy’amasezerano cy’ububyutse. Aho tuhagera kubw’ubuntu gusa, kugirango nibimara gukorwa, Imana yonyine ariyo ihabwa icyubahiro.

111. Intambwe ya gatatu – Kwihana

"Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mumaso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu." 2 Ngoma 7:14

Iki cyanditswe kivugwaho na benshi muri 2 Ngoma cyamamazwa nk'ibendera ryo kuririra ububyutse, ariko kugirango tugeze igihugu cyacu aho hantu ho kwihana, hari ugomba kujya ku mavi.haraho bigomba guhera. Nta bubyutse bwabaho nta kwihana.

Akamaro ko kuzana abantu kuri Kristo

Mbere yuko tujya ku mavi twihana, tukwiye kumenya icyo twihana. Kwihana umuhanuzi Yoweri avuga ni kwakundi "gutiza umutima atari umwenda". Kwihana nyako kugomba kuva ku ndiba y'umutima umenetse bitari ibyo byaba biri mu buryo bwa bwa buryarya bw'I Lawodekiya. Ese nuko tudafite "itorero" ryiza? Cyangwa se nuko tutaririmbye cyane? Cyangwa nuko tutasetse bihagije? Umutima w'ikibazo ni uwuhe? Ni iki dukwiye kwihana?

Yoweri atubwira ko ingano, vino n'amavuta byabuze mu nzu y'Uwiteka kuko twaretse ibisarurwa mu murima bikangirika. Mu yandi magambo, abantu barimo kurimbuka mu mirima, kandi Imana iradushyiraho urubanza. Yesu yaritanze kugira ngo akize abanyabyaha, ariko nitutabyitaho cyane tukajya no kubazana mu nzu y'Imana, Imana izahagarika umwuka wayo mu itorero. Ninayo mpamvu amatorero yacu yapfuye.

Niba ipamvu nyamukuru y'Imana kohereza ububyutse ari ugushaka izazimiye, ubwo rero icyo nicyo dukwiye kwitaho cyane. Ni bacye muri twe bamenya ko kuzana abantu kuri Kristo bifite akamaro ku Mana. Uyu niwo mutima w'ikibazo. Tugomba kwikuraho intumbero tukerekeza amaso ku bandi.

"Ni jye wabwirije iby'agakiza kandi ndakiza, ndabigaragaza kandi muri mwe nta yindi mana yabahaye, ni cyo gituma muri abagabo bo kumpamya ko ari jye mana." Yesaya 43:12

Mbona mu matorero menshi abantu batekereza ko iyo bafashije itorero ryabo bisobanura ko bizazana abantu gukizwa. Basigira abashumba babo umutwaro wo kubitaho. Bakavuga ngo ese ubundi sicyo abashumba bahemberwa? Ndasubizanya uburakari mvuga abashumba sibo babyara intama; intama nizo zibyara izindi ntama. Imana iduha inshigano yo guhamiriza abazimiye dushize amanga. Kandi ibikora kuburyo bitaba ibintu bitunogeye, ahubwo uyu murimo w'Imana twebwe tubona utugoye ariko tugomba kuwukora.

Kuzana abantu kuri Yesu ntabwo ari ikindi gikorwa cy'itorero, si igikorwa dukora aruko dufite umwanya, cyangwa ikintu cyagenewe abayobozi b'itorero ngo bagikore.

Ibi ntabwo bisa nko kugaburira abantu, gutanga impano ku bantu mu minsi mikuru ya Noheri, cyangwa igikorwa cyo gutanga amaraso. Kuzana abantu kuri Yesu nicyo kintu cy'ibanze cy'umuhamagaro wa Kristo; nicyo kintu kiri ku mutima w'Imana. Iki nicyo wahamagariwe gukora igihe wakizwaga. Ni kimwe mu bintu bibiri by'ibanze itorero rigomba gukora. Yesu yavuze ko tugomba kwera imbuto nyinshi, kandi izo mbuto zigumeho. (Yohana 15:16) Mbere yuko imbuto zanyu zigumaho, tugomba kubanza tukagenda tukazana abantu kuri Yesu.

Itorero rya Efeso

Ibyahishuwe 2, Imana ihamagarira itorero rya Efeso ivuga ko izi imirimo yabo, n'umuhati wabo no kwihangana, ndetse n'uburyo banga icyaha. Mbese bari bakize ku mirimo y'itorero, ariko … batakaje urukundo rwabo rwa mbere.

Urwo rukundo ni rwo mwari mufite mugikizwa. Uribuka uko wari umeze igihe umutwaro w'icyaha wakuvagaho? Igihe wumvaga ubohotse bwa mbere mu buzima bwawe? Ubwo wumvaga nkaho uvuye mu rupfu ujya mu buzima? Waranezerewe cyane ku buryo wabibwiye buri wese ibyo Yesu Kristo yagukoreye. Urwo nirwo rukundo rwawe rwa mbere.

Ariko twatakaje ibyo byishimo byiza twimukira mu itorero nkuko bisanzwe. Ubwo buzima n'ibyishimo byarabuze none uwo muriro wera ntucyaka muri twe. Twatakaje urukundo rwacu rwa mbere.

Imana ituvugaho iki? Ntakindi uretse kwihana tugakora yamirimo ya mbere. Imana ivuga ko izaza vuba - nta kubeshya - nayo izakuraho urumuri. Tudafite urumuri rutumurkira, twaba turi mu mwijima, dusitare. Gukora imirimo y'urusengero, kwitabira amateraniro, kuririmba indirimbo, gufasha abakene, gutanga impano ibi byose ni ibikorwa bikomeye … ariko ntibizakuraho urubanza rw'Imana.

Kwera imbuto

Yandika kuri Adam na Eva muri 1 Timoteyo 2, Pawulo aratubwira ati, *"abagore bazakirizwa mu ibyara…"* Ese Pawulo yigeze avuga ko abagore bose badafite abana bazajya mu muriro? Sibyo. Yavugaga ku itorero! Itorero, Eva wa kabiri, ni umugeni wa Kristo, kandi, ninawe utegekwa kwera imbuto. Iri ni itegeko rikomeye rigaragaza akamaro ko kuzana abantu kuri Yesu.

Ahantu hane (Mat. 3:10 na 7 :19, Yoh. 15:2, na Luka 3:9) hatubwira ko igiti cyose kitera imbuto kizatemwa kikajugunywa mu muriro. Mu mugani w'umuzabibu w'ukuri muri Yohana 15, Yesu yaravuze ngo nituguma muri we, tuzera imbuto nyinshi. Nitutaguma muri we, tuzuma tujugunywe mu muriro. Mu muriro? Ese ibyo bintu byaba bitunguranye? Ndabishidikanyaho. Birumvikana – intego yacu y'ibanze ni ukuzana abantu kuri Yesu. Nitutabikora, tuzaba turi amashami apfuye – ntabuzima twaba dufite nta n'amazi y'Umwuka wera yaba atembera muri twe ngo atose ubutaka.

"Ni mwere imbuto kugira ngo data yubahirizwe…"

Numvise ko intego yo kubaho kwacu ari ukugirango duheshe Imana icyubahiro. Rero, uku niko data yubahirizwa, iyo ugiye ugahindura abantu abigishwa. Kuririmba indirimbo no kuzamura amaboko igihe cyo guhimbaza ni byiza, ariko niba abantu barimbuka mu gihe murimo kuririmba indirimbo zanyu, ubwo se Imana yaba yubahirijwe ite muri ibyo?

Hari indi ntambwe iterwa yimbitse – *"… nibwo muzaba abigishwa banjye."*

Ni iki kibaho iyo tutera imbuto nyinshi? Murumva ingingo yanjye? Imigendere yacu n'Imana, ndetse n'intego yo kubaho kwacu, izirikiwe bidasubirwaho mu kuzana abantu kuri Yesu.

Umugani w'Italanto

Hari imigani ibiri, umugani w'italanto (Matayo 25) n'umugani wa mina (Luka 19) bivuga ku isomo rimwe. Imana iduha ibintu byose by'agaciro dukwiye kujyana mu isi kugira ngo tubikoreshe tuzamura ubwami bw'Imana. Ariko muri iyi migani yombi, turabonamo abagaragu babiri batabikoze. Umwe yahishe italanto ye mu butaka ; undi yahishe yahishe mina ye mu gitambaro. Bose bari bazi ko Imana ari "inyamwaga". None kuki ntacyo wakoresheje icyo Imana yaguhaye? Ntibabijyanye no muri banki nibura kugira ngo nyirazo abone inyungu. Nta n'icyacumi nibura batanze ngo abandi bazikoreshe!

Imana yabakoreye iki? Yise umwe umugaragu mubi undi imujugunya "hanze mu mwijima". Iki ntabwo ari igishushanyo cyo mu ijuru- uyu ni umwanya wabikiwe abanyabyaha.

Ese hari aho bitandukaniye n'umugani w'abrarikwa muri Luka 14? Buri muntu yatanze impamvu yo kudakorera Imana. Imana irarakara. Itegeko ryayo riracyahari n'uyu munsi:

"Sohoka vuba ujye mu nzira nini n'into zo mumudugudu, uzane hano abakene n'ibirema, n'impumyi n'abacumbagira…ubahate kwinjira kugira ngo urugo rwanjye rwuzure."

Kuri babandi batanze impamvu? Ntawagize icyo ahabwa – habe n'umwe – uzasangira nawe. Kubera iki? Kuko biyitayeho aho gukorera Uwiteka.

Urubanza rw'intama n'ihene

Imwe mu nkuru zidutera ubwoba ni urubanza rw'intama n'ihene muri Matayo 25:31-46. Uwiteka abigereranya n'ijuru n'umuriro, nta mirimo y'umuntu cyangwa ibikorwa by'idini cyangwa gukiranuka umuntu yakwishakira, ahubwo ni ku bw'imbabazi bagiriye abazimiye n'abakene.

Ese mwasima w'gaburiye abakene umutsima w'ubugingo? Ese mwahaye abafite inyota amazi y'ubugingo? Hari abagenzi mwajyanye mu nzu y'Imana? Mwigeze musura abari mu nzu y'imbohe y'ibyaha? Oya? Mwiyicariye mu itorero ryanyu mutekereza ko bazizana bagakizwa? Ese mwatekereje ko bazazatembanwa n'amazi? Ntimwigeze mumenya ko kutagira ubuzima kwanyu no kutagira urukundo ari byo byababujije kuza?

"Abo nibo bazajya mu rubanza rw'iteka: ariko abakiranutsibazabona ubugingo buhoraho."

Hano hari irindi somo ryo gutekerezaho: Imana ntishingira ku kutagirira imbabazi abarimbuka kugirango ujye mu muriro, ahubwo ireba no kuri babandi bagirira imbabazi abandi kugira ngo babe abakiranutsi.

"Imbabazi ziruta urubanza zikarwishima hejuru" Yakobo 2:13.

Ariko… *"Nuko uzi gukora neza ntabikore, bimubereye icyaha."* Yakobo 4:17

Umugani w'umusamariya mwiza

Yesu yahanganye n'umucamanza washatse kumugerageza amuza ikibazo gikomeye cyane cy'ibihe byose – nakora iki kugira ngo njye mu ijuru? Sinifuza kuzajya mu muriro, mbwira ibanga, Yesu. Tuzi ukuntu abacamanza bashakisha uburyo bwose batsinda urubanza rwabo. Uyu muntu yari azi ko ategesheje Yesu amategeko ashobora kumubuza gukomeza inyigisho ze. Ariko Yesu yamushubirishije umugani w'umusamariya mwiza.

Ndagira ngo ufatane nanjye akanya utekereze kuri iyi nkuru.

Uyu ni umugabo wavaga I Yerusalemu ajya I Yeriko. Yerusalemu ni umurwa mukuru muri I Sirayeri, umurwa w'Imana, mu gihe I Yeriko ariwo murwa muto uri hafi y'inyanja ipfuye kandi ni n'umurwa Yosuwa yavumye, umurwa w'ibyaha. Rero urumva ari igishushanyo cy'umuntu uguye mu cyaha yarangiza agaterwa na Satani akaba yari asigaje gupfira iruhande rw'umuhanda. Yaraviriranaga mu mwanda, arimo gupfira mu cyaha.

Haje umutambyi. Uyu yari umuntu ukomeye mu by'idini, umuntu w'Imana uwo twese twatekereza ko yaba uwa mbere mu kugirira imbabazi abazimiye ndetse n'abarimo gupfira mu byaha. Ariko yakoze iki? Yahise amunyuraho! Oh oya, uyu munyabyaha yari akwiriye kuba yaje mu rusengero aakumva ubutumwa bw'umushumba hanyuma agakizwa. Ariko ntiyaje, none dore apfiriye mu byaha bye. Rero, nibyo yahisemo none agomba kubona ingaruka zabyo… umushumba yinyuriraho.

Hanyuma, haza umulewi. Abalewi bakoraga mu ihema ry'ibonaniro – mu yandi magambo, bari abakristo b'ubu. Abakristo bo muri twe bari Abalewi. Uyu mukristo w'umukozi w'Imana ukomeye yambakoze iki? Yakoze nk'iby'umutambyi yakoze! Yari acyeye mu myenda yo ku cyumweru, Yesu ashimwe, ari mu nzira ajya ku rusengero. Iyo akora kuri uyu munyabyaha, imyenda ye myiza yari kwandura, akabura uko ajya mu materaniro. Amusiga mu myanda ngo apfiremo. Uwo munyabyaha ntakuntu yari gukira. Umuntu ashobora kuba umusinzi, indaya, cyangwa undi munyabyaha wese. Ariko ni bangahe muri twe twagiye tubacaho twigira ku rusengero?

Ariko haza umusamariya, umuntu wari usuzuguritse mu bayuda, utarahagaze gusa, ahubwo wanasutse vino n'amavuta akita kuri uyu muntu akanamuvuza ibikomere. Vino isobanura Umwuka w'Imana n'amavuta asobanura kuzuzwa Umwuka Wera. Uyu muntu yakuye uyu munyabyaha mu myanda yari arimo arangije amuzana mu rusengero aho yasabye ubishinzwe kumwitaho… kuko yagombaga kugaruka.

Mbese ikibazo cyari ikihe? Ibi ntibyari ukuba umukristo mwiza cyangwa gukora imrimo myiza – yashakaga kujya mu ijuru! Iherezo ryawe ry'ubugingo buhoraho ntbishingiye ku mwanya ufite mu itorero cyangwa uburyo usa neza mu bukristo bwawe. Ahubwo ni uburyo ugirira imbabazi abapfa n'abarimbuka. Watoranya icyo ushaka, ariko kuri jye, sinshaka kumera nk'uriya mutambyi cyangwa uriya mulewi.

"Abajyanirwa gupfa abarokore, kandi abarindiriye kwicwa ntubazibukire. Nuvuga uti, dore ntabwo twabimenye, ntuzi ko igera imitima ari yo ibizi? Irinda ubugingo bwawe niyo ibimenya, mbese ntizagororera umuntu wese ibihwanye n'imirimo yakoze? (Imigani 24:11-12)

Impumyi Barutimayo

Hari inkuru nyinshi nkizi njya nkoresha iyo mbwiriza mu itorero ububyutse. Umwanya ntubibemerera bose, ariko hari inkuru imwe mpora nsohorezaho. Ni inkuru y'impumyi Barutimayo.

Muri Mariko 10, Yesu yanyuze I Yeriko ajya I Yerusalem. Yari mu nzira igana ku kubambwa ku musaraba I Karuvali. Akiyuraho, umurwa wose uza kumureba. Icyo gihe yari arimo asoza umurimo we, rero buri muntu wese yari azi uwo ari we kandi bari barumvise ibitangaza yakoze. Buri wese yari ahari – umuyobozi w'umugi, abanya politiki, ba Bishop n'abashumba, abnyetorero bose. Buri muntu yifuzaga kubona uyu muntu abenshi bitaga Mesiya.

Ku muhanda hari umuntu usabiriza wicaye iruhande rw'inzira. Ishushanye n'uyu muntu. Uri impumyi, wahawe akato n'abandi bantu mubana bakwita umuntu utejejwe. Nta n'umwe ushaka no kugufataho kugira ngo nabo batandura. Ntaw'ushinzwe imibereho myiza uhari wo ku kwitaho, ndetse n'umuryango wawe waguhaye akato. Usigye wiyicariye ku muhanda gusa mu myanda y'inyamanswa zose zikunyuraho. Inzara yarakwishe, usabiriza ngo urebe ko wabona nibura uwaguha icyo urya ngo urebe kwa wakwiriza umunsi. Ariko aho siho habi cyane – ahabi ni uko udafite ibyiringiro. Ejo hazaza hazaba hameze nk'uyu munsi, cyangwa bizaba ari bibi cyane. Uzakomeza ube impumyi, uhabwe akato kandi usonze.

Ukumva ko Yesu agiye kunyuraho. Uyu ni umuntu wahumuye impumyi. Yahumanuye ababembe, yazuye abapfuye, kandi yavugishije ubutware bw'imbaraga z'Imana. Aya ni amahirwe yawe – amahirwe y'ubuzima bwawe! Akakunyura iruhande. Ukagira amahirwe yo kumukoraho!

Ugatangira gutaka ngo « Yesu, mwana wa Dawidi! Ngirira imbabazi! » Ariko abantu bo mu itorero bakora iki? baragucecekesha. « Urarushya umwigisha. Kandi uri umuntu wanduye wavumwe kandi usabiriza! Ushobora ute kuzamura ijwi ryawe »

Ariko Barutimayo yaratatse cyane, « Yesu, ngirira imbabazi!» Yesu nawe arahagarara. Arababwira ngo bamumuzanire aramubaza ngo « Urashaka ko nkukorera iki?»

Mwami. Ndashaka kureba. Mba mu mwijima kandi simbona. Nkeye umucyo wa Yesu Kristo. Nkeneye gukizwa nkacungurwa muri uru rupfu rw'icyaha. Yesu kiza ubugingo bwanjye.

Nkibisoma, Imana yarabimpishuriye kuko hari abantu benshi cyane bari bazengurutse Yesu kuburyo atagombaga kumva Barutimayo n'amatwi ye. Yumise gutaka k'umutima w'impumyi. Icyo nicyo cyahagaritse Yesu. Yumvise amutakira.

Nshuti, ese wakumva gutaka k'umutima w'impumyi? Nta jwi rituruka mu rusengero rwanyu. Rituruka hanze ku mihanda, mu bakene, mu mpumyi, mu barwayi, no mu bireme- rituruka mu bantu batajya baza mu nsengero zanyu. Ese twaba tumeze nk'abantu bazengurutse Yesu bafite imyitwarire ya gikristo bacecekesha abandi? Cyangwa dushobora kumva gutaka kw'imitima yabo?

Uwiteka Mana, tubabarire. Tubabarire kubwo kugira itorero. Twibagwe icyo twakirijwe. Turikunda cyane kuburyo tudashobora no kumva gutaka kw'abazimiye.

Indi nkuru ya nyuma

Iyi ndabizi ko yari ndende ariko nimunyemerere mbabwire indi nkuru imwe ya nyuma y'ibyo nabonye mu myaka mike ishize. Nari ndi mu giterane umugoroba umwe – nibura uko niko babyise – nuko basengera amatorero yabo, abashumba babo, abarwayi, abaririmbyi… buri kimwe na buri muntu usibye abazimiye. Naratangaye nibaza impamvu badasengeye icyo ububyutse nyirizina buvuga!

Nicaye ahongaho, Imana inmpa iyerekwa. Nabonye ubwato bunini mu Nyanja. Bwari buni bukubye gatatu ubwato busanzwe kandi bwari bwuzuyemo abantu. Wari umunsi mwiza ufite umucyo kandi bari bambaye imyenda myiza ifite amabara arabagirana. Buri wese yari yishimye kandi nabonaga umunezero w'Imana ku maso yabo. Aba bantu mu byukuri bari bakijijwe kandi bashima Yesu. Buri muntu yari arimo guhesha

umugisha mugenzi we. Abenshi barimo kurambika ibiganza ku bantu banabahanuriraibintu bikomeye byinshi. Mbega ukuntu byasaga neza!

Iyerekwa ryanjye ryaje kwaguka rigera ku Nyanja ibakikije. Bitandukanye cyane n'amabara meza nari nabonye kuri bwa bwato, inyanja yari yijimye ifite ubukonje isa naho ifite amabara y'umukara n'umweru. Amazi yari mabi imiyaga iyajyana hirya no hino. Kandi mu mazi harimo amagana n'amagana y'abantu barimo gutwarwa n'amazi, bazamuye amaboko yabo bataka ngo babatabare umuraba urimo urimo kubatembana. Nagerageje guhamagara abantu bari ku mwaro ngo babafashe, ngo babajugunyire imyambaro yagenewe koganwa, cyangwa se nabo ubwabo bajyemo babatabare. Ariko nta n'umwe wigeze anyumva.

Nyuma nza gusabanukirwa yuko ikibazo atari uko batitaye kuri ba bantu batwawe n'amazi ahubwo ikibazo ari uko batigeze babumva. Bari buzuye itorero kuburyo icyo bumvaga ari bo gusa.

"*Uwica amatwi ngo atumva gutaka k'umukene, nawe azataka kandi ntazumvwa."* (Imigani 21: 13)

Guhamagarirwa kwera

Nta bubyutse nta kwihana. Ububyutse bwose bwigeze bubaho bwagiye bubanzirizwa n'igihe cy'imbitse, ukwihana kuzana kwera gukomeye mu itorero. Mbere yuko Imana itangira gukora mu itorero, hagomba kubaho urufatiro rwera. Niba dukeneye kubona imbaraga z'Imana zidasanzwe, urusengero rwacu rugomba kwezwaho ibyaha kugira ngo rwakire kubaho kw'Imana. Imana ntizigera ibana n'icyaha.

Gukwiye kuba ari ukwihana kuva ku ndiba y'umutima. Si ukubikora bya nyirarureshwa ahubwo tugomba kubikora bivuye ku mutima niba dushaka kumvwa n'Imana.

Pawulo aratwihanangiriza mu Abaheburayo 10 yuko tudakwiriye kuguma ku gakiza tumenyereye. Ubuzima bwacu bugomba gukomeza kugaragaza kwera imbere y'Imana, kandi intege nke zacu zigomba kutagaragara. Izi ntege nke zacu nizo zigomba kuzanwa mu mucyo w'urubanza rw'Imana n'imbabazi zayo kugira ngo twezwe rwose ndetse tubabarirwe mbere yuko tuba ibikoresho by'Imana.

"Nuko bene data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ariko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose." Abaroma 12:1,2

Ibyaha byitwa bito ni byo usanga ari bibi cyane iyo bihagaze imbere yo kwera k'Uwiteka Imana. Uko kubaho kw'Imana kurushaho kutwegera, niko ibyo byaha birushaho kugenda byijima kugeza ubwo uwo mucyo w'Imana ugaragaza buri gace k'umwijima kose kari mu mitima yacu. Duhita twumva uburemere bw'ibyaha byacu ku buryo tudashobora kuguma ku mavi dusengera kubabarirwa.

Nabonye abakristo barizwa nuko iminsi bamaze yabaye iy'ibisanzwe. Umucyo urabahumisha kandi umwijima muke uba unyuranye n'umucyo. Icyaha cyarabaremereye cyane kuburyo byabateyekwihana bataka cyane mu mitima yabo, baturira hagati y'iteraniro ryose ibintu batari barahaye agaciro mbere.

Uku kwihana kuvuye ku ndiba y'umutima kureza kukanuzuza ibyishimo mu bantu kuburyo bibagaragara no ku maso. Iri ni ibanga rigomba kumenerwa abantu kuko rituma bagira umudendezo batigeze kugira mbere, n'umutwaro batigeze bamenya ko bari bikoreye kuva kera ubavaho. Uku ni ukwibohora. Ni nk'aho batategereza kubwira buri wese kandi nta n'icyo bakitaye ku byo abandi baba batekereza. Barabohotse!

Hatabayeho uwo mudendezo wo kwezwa, Imana ntiyagaraga. Niba tutejejwe, ubwiza bw'Imana buzafatirwa mu cyondo gitwikiriye ubugingo bwacu. Mu mategeko y'Abalewi, igicaniro cyagombaga kuba cyejejwe n'amaraso mbere yuko kiba cyejejwe rwose kugira ngo cyakire ibitambo byo gutambira Uwiteka. Icyaha nikimara gukurwa mu itorero n'intege nke zigatabwa kure cyane, igicaniro kizaba cyejejwe n'ihema riboneye. Ubu ni bwo Imana ishobora gutura mu itorero mu kwera kose noneho tugategura ituro ryo kubohoka tuyiramya.

Uwo mudendezo uva mu gicucu cy'icyaha uduha ubushizi bw'amanga n'imbaraga nshya zibonekera mu kwizera k'umwizera. Ubu rero twakwegera intebe y'Imana mu bushizi bw'amanga bushya bwo gukiranuka mu maraso ya Yesu Kristo ku bw'amasezerano y'Imana.

Kuko abakiranutsi bazashira ubwoba nk'intare, uku kwera gukomeye kuzazamura kwizera kuvanze n'igitinyiro mu bantu bafite gushiramanga kwera bibashoboze kwegera intebe y'Imana babashe guharanira uburenganzira bwabo. Izi ntabwo ari intama zitinya kurushya shebuja, ahubwo ni abarwanyi b'Imana bahagarara mu gukiranuka bakajya ku gicaniro bakatura amasezerano y'Imana. Ntibazatuma Imana igenda idakoze.

Kwera gukomeye kubyara gushiramanga – gushiramanga ndetse gutuma wegera intebe mu kwizera. Uku kwizera niko gutuma Imana yishima bigatuma isubiza. Imana ifungwa n'ijambo ryayo kubw'uyu muhamagaro w'ububyutse. Igomba gusubiza kubwo gukiranuka kwinshi kwabo kandi abantu bamaze kwinjira muri uku kwizera barakuzi kandi ntibazakureka.

Kwihana bizana gukiranuka, kandi gukiranuka bizana kwizera, kandi kwizera gukuraho imisozi. Ubu rero twahagarara imbere y'Imana tukatura imigisha ye myinshi adufitiye tuzi neza ko ubwo dukiranuka imbere y'Imana, igomba kudusubiza.

Ububyutse buraje. Tuarbizi. Turabyatura. Ubu rero twizeye ko izabikora. Bizaza.

Gukiranuka bituma ubona amasezerano y'Imana.

Kwihana rusange

Kwihana k'umuntu ku giti cye byatuma habaho kwihana rusange. Kubw'umubana uboneye tuba tugiranye n'Imana, biratworohera kumenya aho integer nke zacu zaratujyanye. Duhita tumenya rero usibye twebwe, ahubwo n'igihugu cyacu cyose, amatorero yacu, n'abantu bacu bari baratandukanye n'Imana. Ibintu byasaga n'ibisanzwe cyangwa bidafite icyo bitwaye mbere ubu biba bigize ishusho y'igicucu cy'icyaha kandi bishobora kugaragarira mu bwiza bw'umucyo w'Imana. Dutangazwa n'uburyo twabibonaga mbere, ariko nuko twari twaramenyereye kugenda tunyonyomba mu mwanda wo mu matorero yacu igihe kirekire.

Niba dushaka ububyutse burenze imiryango y'amatorero yacu, tugomba gusaba Imana ikazana za mbabazi mu gihugu cyacu. Umwuka wo gusubira inyuma wiziritse ku gihugu cyacu nk'igicu cy'umwijima, rero tugomba kwisabira imbabazi twese.

Urufunguzo hano ni ukumenya ko abaturanyi bacu, abenegihugu bacu, abantu bakomeye bo mu matorero yacu bamwe bagaragaza umwete mu kwitabira amateraniro ibyo muri iyi minsi tubona bisa nk'amazu mberabyombi y'idini adafite umunezero, nibyo twahozemo. Umutwaro tugirira abazimiye aha niho utangirira. Umutima wacu ukwiye kubabazwa n'abari mu buhenebere twebwe twavuyemo.

Yesu yahamagaye Lazaro ava mu gituro, ariko abwira abigishwa be ngo bamubohore bamukure mu myenda yo mugituro cy'imihango y'idini. Uko niko natwe duhamagarirwa kwingingira itorero. Iyo turebye ku matorero yacu uko ateye, dusanga dukwiye gusengerana.

Urubanza ruzatangirira mu nzu y'Imana, rero dusenge kugira ngo imbabazi zayo zitugereho.

Daniel

"*Muri uwo mwaka wa mbere wok u ngoma ye, jyewe Daniyeri nasomye ibitabo binsobanurira umubare w'imyaka I Yerusalemu hazamara hashenywe ko ari imyaka mirongo irindwi, byavuzwe n'ijambo ry'Uwiteka mu kanwa k'umuhanuzi Yeremiya. Mpanga amaso Umwami Imana yanjye, mushakisha gusenga no kwinginga niyiriza ubusa, nambara ibigunira, nisiga ivu…"* Daniyeri 9:2,3

Inkuru yo kugaruzwa kwa Yerusalemu ni imwe mu nkuru y'ububyutse iri muri Bibiliya. Umwanya ntutwemerera gusubira inyuma kwa Isirayeri, kwinginga kw'abahanuzi, n'urubanza rw'Imana, ariko muri buri rubanza rw'Imana haba hari imbuto z'ububyutse bukuriraho. Daniyeri ni umwe muri izo mbuto, nka Yesaya wafashije Kuro gushyiraho iteka, Esiteri, wafashije Dariyusi kurikomeza. Nehemiya, Ezira n'abandi. Ubuhanuzi bwari bwaranditswe, urwego rwari rwarashyizweho, ariko ni Daniyeri wabisengeye.

Iyo usomye ijambo ry'Imana mu byanditswe byera, umenya ko ari ukuri – biranditse; Imana yarabivuze; bigomba gusohora. Daniyeri yari yarasomye muri Yeremiya ko abari mu bunyage bwa Babiloni bazamara imyaka 70 hanyuma Imana ikagarurira Isirayeri Yerusalemu. Abana ba Isirayeri bataye gukiranuka kw'Imana baba abacakara muri Babiloni kubera ubwigomeke, ariko haboneka ihishurirwa ridasanzwe ry'imbabazi z'Imana! Imyaka mirongo irindwi yari igiye kurangira Daniyeri amenya ko guhembuka kubonetse.

Nubwo byari byaranditswe mu ijambo ry'Imana n'igihe cy'ububyutse cyari kibagezeho, ese Daniyeri yigeze ahamagarira inshuti ze kuririmba no kwishima? Bigeze bizihiza ibi byiringiro byo guhembuka? Oya, Daniyeri yari umwe mu banyabwenge babayeho, kandi yari azi ko hatabayeho kwihana nta bubyutse bwabaho.

Kugira uruhare muri ubu buntu bw'Imana, kwihana bigomba gushakwa, atari umuntu ku giti cye, ahubwo ni ugufatanyiriza hamwe kubw'umubiri w'abantu b'Imana. Hari uwagombaga kujya ku mavi, uyu yari Daniyeri. Isengesho rirerire mu isezerano rya kera ni irya Daniyeri asengera abantu be ngo bababarirwe.

E.M. Bounds yigeze kwandika aravuga ngo Imana ntacyo izakora nta masengesho abayeho. Ukuri kwabyo ni ukuhe? Imana yabikora byose … ariko ntibikora. Ikoresha umubiri. Turi umbiri wayo, amaboko n'amaguru by'ubutumwa. Amasengesho yacu niyo afungura amaboko yayo kandi ni ukwizera kwacu kwigizayo imisozi. Ni umugambi wayo kuba ibikoresho by'imbabazi zayo dukurikiza urugero rw'umwana wayo Yesu Kristo.

Nidushaka mu maso h'Imana mu kwihanira abantu bacu, tuzaba dukuyeho umuvumo kandi dufungure umuryango twemera ko guhemburwa gutangira.

Nehemiya

Nehemiya nawe yamenye uku kuri. Yararize amaze kumva ko I Yerusalemu habaye amatongo. Uyu wari umurwa w'Imana. Wari ukwiye kuba mwiza kandi wubatswe nk'ahantu ho kuzamura icyubahiro cy'Imana, ariko wararimbutse kubera ibyaha by'abantu bawo, abantu b'Imana. Nehemiya yari afite umutima umenetse.

Nk'igisonga cy'umwami, yagombaga kumenya uwatanga itegeko ryo kongera kubaka umugi, ariko nanone yari azi ko hatabayeho kwihana ku mana by'abantu byateye uku gusenyuka, ikifuzo cye nticyari kumvikana. Amanywa n'ijoro, Nehemiya yariyirizaga akanasenga kugira ngo Imana ikize abantu bayo kandi ngo imuhe igikundiro mu gihe yari azanye ikifuzo cye ku mwami.

Iri ni isengesho rikomeye – kumanywa n'ijoro, yiyiriza iminsi myinshi, ahangayikishijwe n'igisubizo gituruka ku mana. Hari igihe uba wumva udakeneye gushidikanye ku by'Imana igusubiza ahubwo ushaka igisubizo nyacyo, aho niho rero ushyira ku ruhande ibindi byose ukajya imbere y'Imana kuko niyo yakubohora, ukagumayo kugeza ubwo igisubizo kije. Nehemiya yari azi ko kubw'abantu be bari barimo kurimbukira mu bunyage, yagombaga kubona igisubizo. Nta wundi mutiwari uhari.

Natwe rero turi ibisonga by'Uwiteka, kandi turi mu bunyage mu gihugu cy'abapagani mu gihe itorero ryo riri mu matongo mu buryo bw'umwuka. Inkike z'umyagakiza zarasenyutse none itorero ry'umwuka w'Imana riri mu matongo kandi byatumye itorero risigara ridafite ikibarinda umwanzi. Nka Neemiya na Danieri, tugomba kumenya impamvu itera ibibazo turimo tukaririra Imana kugira ngo ibabarire igihugu cyacu n'amatorero yacu.

Niba tudashobora guhangana n'ibintu nk'ibi, ni gute Imana izadukuraho urubanza? Nitudakorana ibingibi imitima imenetse, ntituzigera duhinduka, kandi n'abantu bacu bazasubira mu nzira z'amadini bahozemo.

Iki ni ikintu gisuzuma umutima w'umukristo. Ese twaba tubabazwa n'ibyaha byacu? Tujya tuganya tukanaborogera kugarukira Imana ku buryo twumva ko twasenga tukiyiriza amanywa n'ijoro? Tujya tuniha kubw'ibyaha n'amakosa by'abantu bacu, tukaririra Imana n'imitima yacu yose kugira ngo igirire abantu bayo imbabazi? Nubwo hari urubanza rw'Imana, hari n'imbabazi iyo tugize imitima iboneye, kandi dushobora guhinduza umujinya w'Imana kwihana gushobora guhinguranya ijuru kukagera ku ntebe yayo.

Ariko imitima idatunganye ntiyabikora. Tugomba kumeneka mbere yuko Imana yongera ikaduha ubuzima. Ntiyakuzuza igikoresho kitabaje kuamo ubusa binyuze mu kwihana.

Eliya

Eliya yahuye n'ibuye ry'igikuta cyo kutihana ku musozi wa Karumeri. Yari yarahamagawe mu gihe cy'uburumbuke. Imyaka mu mirima yeze imigezi itemba ahantu hose, ahagarara imbere y'umwami atangaza ko imvura igiye kubura. Abantu bose baramuseka cyane, ariko imyaka 3 ishize, nta muntu wari ugiseka. Amapfa yateye impagarara mu gihugu mu buryo bw'umwuka, ariko abantu bose batekereje ko ari ikosa ry'umuhanuzi, atari iryabo. Mbega ukuntu bikomeye kugira ngo tumenya gusubira inyuma kwacu! Kandi biroroshye gucira urubanza abo Uwiteka azamuye ngo bazane ubutumwa bwo kwihana!

Eliya yahanganye n'amadini yari ahari icyo gihe. Abahanu bandi bose bari bishwe, usibye abari basigaye bihishe. Bari abatambyi 850 n'abahanuzi ba Baali bari bahanganye n'umuhanuzi umwe w'Imana.

Isirayeri cyari igihugu gitoya, rero aba batambyi ba Baali bangana batya byasobanuraga ko hari abayobozi b'amatorero muri buri murwa wo muri Isirayeri. Aba ni abantu bashakanye n'abakobwa banyu n'abahungu banyu, babatije abana banyu, ndetse bakayobora amatorero yanyu. Mwamenye amazina yabo. Nibo bari abayobozi bo mu duce mutuyemo. Ariko bose bemeye amadini y'ibinyoma yo muri icyo gihe. Ntibamenye ko badatunganiye Imana. Mu byukuri bari bazi ko Imana iri bubumve ikohereza umuriro kugira ngo yereke uyu muhanuzi w'Imana ukomeye, ucira abantu imanza yuko ari bo batunganiye Imana … nkuko babigenza uyumunsi.

Ariko se ba Eliya b'imbaraga bari hehe uyu munsi? Tumenyereye imikorere y'idini itegeka aho dutuye kuburyo iyo hagize uhaguruka ngo avuge ko ari ukureka Imana ahita yangwa bakamwita umuntu ucira abantu imanza. Nkuko byagendekeye Eliya, ubutumwa bwo gutinya Imana bugaragara nkubwo guteza imvururu, mu gihe ubutumwa bwo kumvikana burimo urukundo budafite gukiranuka bufatwa nk'ubuturutse ku mana. Twahisemo kutagira icyo twitaho mu gihe abahanuzi b'Imana bagomba guhungisha ubugingo bwabo.

Ariko Eliya yamenye ko igihe kigeze kugira ngo Imana yerekane gukiranuka kwayo. Abahanuzi ba Baali bamaze gutsindwa, Eliya yarongeye asana imfatiro z'urusengero yubaka igicaniro akoresheje amabuye y'umwimerere ataramenwe n'amaboko y'abana b'abantu. Igicaniro nyakuri cy'Imana nticyakubakirwa ku idini ry'umuntu, ahubwo ni ku rufatiro rwubatswe n'Imana.

Yasutse ingunguru z'amazi kuri ku gitambo. Arongera. Na none arongera. Ingunguru cumi n'ebyiri z'amazi! Ibi babikoreraga ku musozi hejuru mu gihe cy'amapfa yari yugarije igihugu n'imigezi yose yari yarakamye. Bakagombye kuba baragiye ku cyiyaga kuvoma amazi bakayasuka hjuru y 'umusozi Karumeri. Aho amazsi yavaga hose, bigaragara ko imbaraga nyinshi zakoreshejwe. Amazi muri Bibiliya asobanura Ijambo ry'Imana ryeza, nkuko tubibona mu Abefeso 5:26, mu bukwe bw'I Kana y'I galilaya, no mu ihema ry'ibonaniro. Uko byaba bigukomereye kose kugira ngo kwiyuzuzamo ijambo ry'Imana, birakenewe rwose kuko umuriro w'Imana ntuzamanuka keretse igitambo kimaze gutoswa n'ijambo ry'Imana. Nta mbaraga, nta bujya kuzimu, nta bwenge, nta no kwizera bizazana gukora kw'Imana ijambo ryayo ridahari.

Ariko umuriro umaze kumanuka, ese wazanye ububyutse? Ntibyashobotse. "Uwiteka, ni Imana, Uwiteka, ni Imana", barahamagaye, ariko kumenya ntibitanga kwihana. Bari biteguye guhagarara aho mu gihe abashumba babo batemagurwa mu gikorwa cyo kweza ku kagezi Kishoni, ariko ntibari biteguye kujya ku mavi yabo n'umutima wabo umenetse bababajwe n'ibyaha byabo. Bari barajwe ishinga n'ubuzima bwabo kurusha uko bari bitaye kw'itorero ryabo. Nta kwihana kwa rusange bari bafite byakura igihugu cy'umwirare mu kaga.

Eliya nta bubyutse yari afite, ndetse n'uwamusimbuye, Elisha ntabwo yari afite. Bisaba kwihana ku bantu bose kugira ngo umubiri wose ugire ububyutse, ibyo rero ntibyagombaga kuza kugeza ubwo imyaka yahise. Nubwo umuhanuzi yari umuntu w'Imana nyakuri, igihugu cy'umwirare cya Isireyeri cyari kitarameneka kugira ngo cyakire imbuto, rero nta n'umusaruro wagombaga kuboneka muri icyo gihugu gikakaye, gifite ubutaka bwumye.

Kuki turi impumyi cyane ku bintu bifatika by'umwuka wera? Kuki bidukomerera kumeneka imitima ntitwifuze ko Imana igarukira igihugu cyacu, tukagira uwo mutima umenetse wo kwihana Imana ishaka? Kwifuza kuvanze n'ibihe bikomeye no gutotezwa bizatuma twicuza gusa. Muri urwo ruvangitirane niho dukwiye kugirira inzara yo gukiranuka, kwifuza ikintu kurusha icyo iyi si iduha kugira ngo tugubwe neza kandi duter'imbere. Ndizera neza ko abantu bari ku musozi Karumeri bifuzaga cyane gusubira mu buzima bw'uburumbuke, kurusha uko bifuzaga gusubira mu buzima bwo kwezwa. Imitima yabo ntiyari imenetse ku bw'ibyaha byabo – ntibyaboroheye kumenya amakosa yabo.

Hari isi ebyiri – iyo tubona ituzengurutse n'indi y'ubugingo buhoraho. Uko turushaho kuba muri imwe, niko turushaho kutaba mu yindi. Kugeza ubwo inzara yo kwera izazamukira mu mitima yacu, umutuzo wo muri iyi si uzakomeza uduhumishe kugira ngo tutarenza amaso ubuzima bwacu bwa buri munsi. Mu migani baratubwira ngo, "aho guhishurirwa kutari abantu bararimbuka". Dukwiye kurenza amaso umusozi wa Karumeri tukareba Beulah iri kure tukayifuza cyane nk'urugo rwacu bwite. Nitutarenga imbibe z'iyi si ngo dufate ibintu twiringira, ntituzatandukana n'iby'isi.

Kwifuza gukiranuka bigaragaza ikifuzo cyo kwihana, atari ku bwacu gusa, ahubwo ku bw'abantu bacu, ku bw'itorero ryacu, ku bw'igihugu cyacu, ku bw'amatorero yacu. Ibyo nibibaho, tuzakuraho umwirare uri mu mitima yacu kugira ngo dutere imbuto z'ububyutse. Bitwara igihe n'umutima umaramaje utazihanganira ikindi kintu cyose kinyuranyije nabyo uko byatinda kose. Ntacyo byaguranwa, nubwo itorero ryaba risa neza rite. Ububyutse nyabwo buturuka ku gicaniro cy'Imana ni bwo buzahaza kwifuza Imana yashyize mu mitima y'abagaragu bayo.

Niyo mpamvu Nehemiya yasenze cyane – yagombaga kubona ikintu gifatika. Niyo mpamvu Eliya yashyize ubugingo bwe mu murongo, niyo mpamvu Daniyeri yakubise amavi ye hasi, ni nayo mpamvu babandi babandi bakozweho no gutaka kwa Rasheri, bagumye imbere y'Imana mu kwiyiriza no gusenga kugeza ubwo Imana ibasubije.

Izo mbabazi zitabonetse, nta bubyutse bwabaho.

IV.INTAMBWE YA 4-URUGAMBA RW'AMASENGESHO

"Kandi ni mutabara mu gihugu cyanyu gutera ababisha babagirira nabi, muzajye muvuza ayo amakondera ijwi rirenga rirandaze. Nuko muzibukwa n'Uwiteka Imana yanyu, mukizwe ababisha banyu " (Kubara10:9).

"Nimugirize impanda i Siyoni, muvugirize induru ku musozi wanjye wera, abatuye mu gihugu bose bahinde umushyitsi kuko umunsi w'Uwiteka uje, ugeze hafi" (Yoweli2:1).

Amakondera abiri akoze mu ifeza niyo yakoreshwaga mu guhuriza abantu mu iteraniro, yakoreshwaga nkimpuruza, kugirango abantu b'imana bajye muntambara,twahamagariwe kurwana, kandi intwaro Imana iha abakristo zifite imbaraga imbere y'Imana zo gukubita hasi ikintu cyose kishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana. Pawulo arabyerekana ko inkota yacu ari ijambo ry'Imana, gukiranuka ari icyuma gikingira igituza, ingofero yacu ari agakiza, kandi ko kwizera kwacu ari ingabo. Twahamagawe nk'abarwanyi barwana intambara nziza yo kwizera.Amakimbirane y'umucyo guhangana n'umwijima niwo mutima w'intambara uhereye mu itangiriro kugeza mu byahishuwe kandi byerekana neza ko ariwo umuhamagaro wacu nk'abasirikare b'Umwami nyiringabo.

Guhamagara guturuka ku Mana kuracyarangurura:

"Muvugirize impanda i Siyoni, mutegeke kwiyiriza ubusa, mugire iteraniro ryera.muteranye abantu mweze iteraniro, muteranye abakuru n'abana n'abakiri ku ibere, umukwe nasohoke mu nzu ye,n'umugeni mu nzu yarongorewemo.Abatambyi bakorera Uwiteka nibaririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro,maze bavuge bati "Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, ntureke ab'umwandu wawe bashinyagurirwa, kandi ngo bategekwe n'abanyamahanga. Ni iki gituma duhinyurwa n'abanyamahanga, bati'Imana yabo iri hehe?'

Maze Uwiteka agirira igihugu cye ishyaka, abaririra ubwoko bwe. Nuko Uwiteka asubiza ubwoko bwe ati"dore ngiye kubohererereza ingano, na vino n'amavuta bibahaze, kandi sinzongera kubakoza isoni muri abo banyamahanga" (Yoweli2:15-19)

Uyu ni umuhagaro ukomeye wo gusenga. Ntabwo ari uwabasubiranyuma byoroheje, kwifuza kwishakira akazi gashya cyangwa kongerwa amafaranga, ("si sengesho ryoroheje,ryoroheje, ryoroheje") - ni umuhamagaro wo kunyeganyeza intebe y'Imana ushaka ububyutse mu gihugu hose. Tumenyereye imitekerereze y'isi yo gushaka gukomeza gukorera mu Itorero ibisanzwe. Uyu ni umuhamagaro w'intambara.

Abantu mu ngabo Yoweli avuga mu gice cya kabiri n'ubwoko butunguranye, bw'ingurumbanyi, butava kw' izima, bufite kwiyizera, ntibwerekana ko bufite icyo butinya, kandi ntitubona ikimeze gityo mu ntebe zacu mu gihe cyacu,ntacyo bitaho mubyo isi itanga, kandi ntibitaye kuwukomeretswa ni ubutumwa busenya. Umuriro n'umucyo uva ku gicaniro cy'Imana utazima kugeza agarutse. Ntakintu gihagarara munzira yabo. Umwami

yarabatumye kandi ijwi rye rivugira imbere yabo, kandi bazakomeza mu mbaraga n'ishyaka kugeza kukuza k'Umwami.

Ese ibi byaba bisa nibyo twumva kuruhimbi cyangwa kuri television uyumunsi? Ubu sibwo butumwa abashumba bacu batwigisha. Iri nishyaka riturya rikubita abavunja ifeza mu rusengero. Ntabwo ubwo butumwa buzabona umwanya munsengero zacu zidashaka kujya kurundi rwego.Ni umuriro waremewe gutwika ibishishwa byumye no kweza igihugu.

Uwo mujinya w'intambara y'umwuka ucanirwa n'amasengesho yo muri ubwo buryo.Amasengesho"yoroshye, gufata igihe cyo gutuza"mwene ayo masengesho ntazacana umuriro uhagije.kugirana ikiganiro cyoroheje na Yesu ntibizamena imiryango y'ijuru no gukomeza kujyambere uhangana n'ingabo nkizi.Ibyo bisaba abanyambaraga, abarwanyi babanyamasengesho bahangana kugeza babonye itsinzi, bemera kubabara, bagasuka amarira,bakanyeganyeza imfatiro z'ijuru kugeza Imana ihagurutse gukora. Uko ni ukwizera kuvuga ngo"sinzanyeganyezwa, sinzahakanirwa, sinzemera gutsindwa. Nzakomeza nikomereze kumahembe yo ku gicaniro mpamagara amasezerano y'Imana kugeza ubwo ijuru rihaguruka gukora,kandi isi ikanyeganyega Imana igasuka ububyutse!!"

Mbere yuko twisuka mu mihanda tujya mu rugamba rwuzuye, tugomba gusobanukirwa ko urugamba tutazarutsindira mu mihanda tutabanje mbere na mbere kurutsindira mu cyumba cy' amasengesho. Kandi si amasengesho gusa asanzwe ahubwo amasengesho atemera gutsindwa kugeza yakiriye igisubizo. Imbaraga mu Mana zituruka mu butsinzi mu cyumba cy'amasengesho, kandi hatari izo mbaraga ibyo tuzerekana imbere y'abarimbuka ni kamere no kwihangira gukiranuka kwacu ubwo tuzaba tubura ikintu cy'ingezi aricyo Umwuka w'Imana. Niba dushaka kubona Imana ikora, ubwo tugomba guhata Imana. Umubiri ntacyo umaze. Intyoza izi kuvuga neza ku isi ishobora kwemeza umuntu, ariko Umwuka w'Imana niwe ushobora gukora k'umutima.

Ushobora kuba ufite inkoni nziza yabarobyi kandi ufite inyama nziza iryoshye kundobani, ariko niba ifi itashonje ntizaza gushuna kuri iyo nyama bisaba isengesho riyobowe n'Umwuka kugira ngo ricanire inzara yo kumenya ukuri mu mitima mbere yuko ubugingo bw'abantu bwakira agakiza. Nidushukwa gusohoka hanze mu ishyaka ryacu mbere yuko twizera ubutsinzi bubonerwa mu cyumba cy'amasengesho, ntacyo tuzigera tugeraho.

Abanyentambara babanyamasengesho ba kera baravugaga bati"senga ukomeze"-komeza utava ku bintu-kugeza ubonye igisubizo kuva ku Mana. Hamwe na hamwe mu buryo bwacu bwa none twagiye tubura ubushobozi bwo kumena ngo twinjire mu marembo y'ijuru.Tuvuga ko dufite kwizera, ariko kwizera si ukwemera ko Imana ishobora kugira icyo ikora. Umupfapfa uwo ari we wese ashobora kubyizera, kwizera nyakuri ni ukwemera ko izahaguruka igakora, kandi ko utazava ku bintu kugeza Imana igize icyo ikora. Ikindi cyose kirimunsi yicyo si ukwizera ahubwo ni ukwemera ibyo udafitiye gihamya.

Ese twaba tubona bene uko kwizera uy'umunsi? Kujya mu makesha basenga ijoro ryose kugeza umuseke utambitse kugira ngo ubugingo bukizwe. Amarira yo kubura ibyiringiro kwa Rasheli yahindutse uburyo bwo kwerekana umubabaro no kutishima,

kugeza ubwo tuzagera ku rwego rwo kwitanga rwose tutemerananya nibyo twavuze haruguru ntituzigera tubona imbaraga zidutwara kugeza ubwo turangiza iyo nzira twiyemeje.

Twemereye amarangamutima yacu kunyurwa no kugabanya ishyaka ryo gushaka abazimiye,ingaruka zabyo twabaye inkone zo murusengero. Dusenga nk'abagore Atari nk'abarwanyi. (cyangwa navuga nk'abakobwa kuko hari bamwe babanyambaraga babarwanyi b'abagore bacu batuma bamwe muri twe dukorwa n'isoni). Imana yaduhamagaye nk'abasirikare kandi tugomba gusenga nk'abarwanyi kugirango dukubite hasi buri dayimoni iturwanya, tukamenagura buri nzitizi yo mu mwuka, tukarwana no gushinga ububyutse duharanira.

Yoweli arahamagarira kwezwa kuzuye kw'itorero no kwiyemeza rwose gusenga gukomeye mbere yuko Umwami Imana asubiza. Ibi byonyine byashobokera abo bonyine banyotewe no kubona Imana ikora. Ntakintu na kimwe gituma banyurwa keretse kubona ububyutse bukwira mu gihugu.Aho niho Imana yashakaga kubageza, ntabwo ari uguhindukira vuba nkuko umuntu akanda agacana itara, ahubwo ni ukunyuzwa muruganda rw'umuriro rugatwika ibindi byifuzo byose. Ntakindi kigize icyo kivuga.

"Mpa abana nutabampa simbaho".

Aha niho Imana yumva kurira kwacu igasubiza.Kuko abana bayisiraheli muri Egiputa,byasabye imyaka 400 kugirango bagere aho batacyemeranya n'imibereho barimo mbere yuko batakambira Uwiteka.Bamaze kubikora, Imana yumva gusenga kwabo iri mu ijuru yohereza umucunguzi. Ese twe bizadufata igihe kingana iki kugirango tugere aho tumva tutacyemeranya n'imibereho turimo.

Nitubikora, izumva.

V.IGISUBIZO

“Ntutinye wa si we, nezerwa kand wishime, kuko Uwiteka akoze ibikomeye. Ntimutinye mwa nyamaswa zo mu ishyamba mwe, kuko ubwatsi bwo mu butayu bumeze, n’ibiti byeze imbuto zabyo, umutini n’umuzabibu byeze cyane.

Noneho munezerwe bantu b’i siyoni mwe, mwishimire Uwiteka Imana yanyu kuko ibahaye imvura y’umuhindo ku rugero rukwiriye, kandi ibavubiye imvura iy’umuhindo n’iy’itumba nk’ubwa mbere. Imbuga zizadendezwaho ingano, kandi imivure izuzura vino n’amavuta ya elayo,isesekare. Nzabashumbusha imyaka inzige zariye’n’iyariwe n’uburima n’ubuzikira na kagungu,za ngabo zanjye zikomeye nabateje. Kandi muzarya muhage, muhimbaze izina ry’Uwiteka Imana yanyu kuko yabakoreye ibitangaza, kandi ubwoko bwanjye ntibuzongera gukorwa n’isoni ukundi.” Yoweri2:21-26

Isezerano ry’Imana n’uko, nidushaka mu maso y’Imana twihana by’ukuri izatwumva, idusubize kandi itwereke imirimo ikomeye ndetse y’imbaraga tutigeze kumenya. Imana irashaka ububyutse cyane kurusha uko twe tubyifuza.

“Nuko Uwiteka asubiza ubwoko bwe ati’dore ngiye kubohereereza i ngano,na vino n’amavuta ya elayo bibahaze” Yoweri2:19.

Urubanza rw’Imana rwatumye ingano, vino ndetse n’amavuta bibura mu rusengero, ariko urubanza ntirubereyeho guhana icyaha gusa ahubwo no kuduhamagarira gukiranuka.Iradusezeranya ko izatugarurira ingano, vino ndetse n’amavuta yari yarabuze mu nzu y’Imana.Kwitandukanya kwacu n’Imana byatumye tutavumbura ibanga rihishe mu ijambo, Umwuka yaduhishurira ubwe. Iyi niyo ngano yari yarabuze. Tekereza ubwo butunzi twabuze kubera tutigeze twimbika mu busabane nawe! ariko noneho tekereza ibyishimo uzagira umaze guhishurirwa uwo mugezi w’ubwenge ugacubira mu ijambo ry’Imana. Kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n’ijambo rya kristo, ariko amatwi yacu azibishijwe n’iby’isi. Ubu noneho amatwi yacu azumva, kandi kwizera kwacu kuzajya kurundi rwego rurekura imbaraga z’indengakamere mubuzima bwacu ndetse no mubo tubana.

Vino y’Imana ni ubwo busabane bwimbitse mu masengesho na we. Twasomye uburyo basogokuruza bacu babashaga kuniha mu masengesho amasaha n’amasaha, yewe bakaba bamara ijoro ryose hamwe n’Imana aba bagabo ntibashoboraga gusenga byoroheje kuko babaga bafite ubushake bukomeye no kwitanga. Ibyo bisaba imbaraga ziva ku Mana. Umwuka w’Imana yabahaga imbaraga ndetse no gushaka gusunika bakarenga imbibi z’ibitekerezo n’umubiri baharanira kugera kurwego rwisumbuyeho. Iyo nyota yarabuze mu itorero rya none, ariko Imana iravuze ngo nzongera nyohereze.

Umunezero uboneka ari uko wapfumuye mu masengesho uharanira kwinjira imbere y’intebe y’Imana,” ntiwawugereranya no kugirana akaganiro gato na Yesu”uguha ubutsinzi n’umunezero bigushoboza mu rugendo hamwe n’Imana.Ugendana ubutwari bwo gukandagira no gusenya ibihome by’umwanzi. Ubushizi bw’amahanga bwuko isengesho ryasubijwe, ntibugira igaruriro, bunyeganyeza imisozi igatabwa mu Nyanja,

kuko uba udafite kwizera Imana gusa ahubwo ufite kwizera nkukw'Imana kuko uba utuye mukubaho kw'Imana kandi intege nke z'iby'isi zakuweho. Ubwo rero ubasha ubasha guhagarika izuba, guhagarika imvura, kumanura umuriro, no kuzana imvura yanyuma y'ububyutse.

Amavuta y'Umwuka wera yoweli avuga ko Imana izagarura yari yarabuze igihe kinini ntidusobanukiwe nicyo twari twarabuze icyo ari cyo. Nkingaruka, usanga duhagijwe ni ubutumwa bukakaye, inyigisho zidahindura, ndetse na gahunda z'urusengero. T wemeje imitima yacu yuko igisubizo kiri mubanditsi bibitabo by'iyobokamana nabafite impamyabushobozi zikirenga yuko bizaba bihagije. **Leonard Ravenhill** yigeze kuvuga ko hari igihe twaridufite ababwirizabutumwa badafite impamyabushobozi ariko b'umuriro, ariko ubu dufite ababwirizabutumwa bafite impamyabushobozi nyinshi ariko badafite umuriro.Ayo mavuta yari yarabuze azongera atembe ubuzima buhembuke murusengero. Tekereza umunezero w'ubutumwa ugutera kumva bitinze kugaruka mu materaniro, kuburyo wumva wakwibera murusengero buri munsi. Amateraniro yo kucyumweru ntazaba agihagije. Uzagenda ubwira uwo muhuye wese uburyo binejeje! Ubugingo bufite inzara buzakizwa, bidaturutse ku myizerere cyangwa ku kwizera ahubwo kubera ko bazaba babona umuriro mu maso yacu. Ubwo nibwo bubyutse; uko ni ugusukwa kuva mu ijuru yesaya yavuzeho mu gice cya 32:15.

"None munezerwe bantu b'i siyoni mwe, mwishimire Uwiteka Imana yanyu kuko ibahaye imvura y'umuhindo ku rugero rukwiriye, kandi ibavubiye imvura y'umuhindo ku rugero rukwiriye,kandi ibavubiye imvura iy'umuhindo n'iy'itumba nk'ubwa mbere."Y oweli 2:23

Igiti cy'umutini n'icy'umuzabibu bizongera kwera imbuto zabyo, uwo mutobe mutobe ni utemba muri twe, tuzera imbuto kandi ntituzongera kuba nk'umugore w'ingumba.iyo niyo mvura izagwa kandi izazana ubuzima mubutayu. Ntabwo ari imvura gusa, kuko azohereza imvura y'umuhindo n'iy'itumba zombi.Mwene data ntizagwa gusa – izacunshumuka!

Igihe Eliya yabwiraga ahabu,"hari uguhinda kw'imvura nyinshi". Uko guhinda kwari uguhinda kuruvange rw'amasengesho y'abera azamuka ajya mu ijuru asaba Imana gukiza ubugingo bw'abantu. Niwumva uko guhinda, ntabwo imvura izaba izaba irikure. Ubwo bubyutse buzaza buzaba bucaniriwe no kubabarirwa n'Imana mu buryo butigeze kubaho, tuzasanwa, twongere dukore umurimo wo kugarura imitima kuri kristo ariwo murimo twari twarirengagije. Kuzaba ari uguhinda gukomeye. Igisubizo kizaba ari ugucunshumuka kwimvura itarigeze kubaho.

"Imbuga zizadendezwaho ingano..."Yoweli2:24

Ese nizihe mbuga zizuzuzwaho ingano? imbuga zizuzura imbuto zitonoye zo murusengero zacu!Ubugingo ni umusaruro Yesu yerekana nk'abigishwa be. Uwo musaruro ugomba kuzanwa kumbuga ihurirwaho iho igomba gutunganywa hakabaho gutandukanywa kw'ingano n'umurama.Uyu ni umurimo w'itorero wo gutanga akabuto keza k'imbere kakuweho igihu cy'inyuma. Ntabwo imbuga zizuzuzwaho igice cyangwa igice cyenda kuzura —

izuzura ubugingo bw'abantu baje gusaba ko Yesu ababera umukiza wabo. Ibicaniro bizuzura, intebe zo munsengero zizaba zuzuye, kandi nanone, aho hazaba abantu benshi bicayeabandi bahagarare biha Imana, bifuza cyane gukizwa.

"Kandi imivure izuzura vino n'amavuta ya elayo".

Ntabwo ari menshi gusa,ahubwo azasesekara! Umwuka w'Imana azarusha imbaraga ubushobozi bwacu bidushyire mucyanya cyo guhimbaza. Bake cyane muri iki gihe nibo bazi ukobisa kuzura Umwuka wera ukagusaguka cyangwa ugasendera kuburyo uba mucyanya cyo guhimbaza. Aho ntubasha guhaguruka, ntubasha gutekereza, ntubasha kugira icyo uvuga ahubwo ijwi ryoroheje rihimbaza Imana, uhinduka mubundi buryo umusinzi w'Umwuka. Yewe n'agakoko gatoya kararabagirana mu bwiza bw'Imana.

"...kandi muzarya muhage, muhimbaze izina ry'Uwiteka Imana yanyu kuko yabakoreye ibitanga."

Kingura ibitekerezo byawe uko ubishoboye, ariko ibyo Imana izakora bizahora ari ibitekerezo mu maso yacu.Izakora ibyo tutigeze kubona cyangwa gutekereza. Ubu bubyutse buzaba ari indengakamere bihambaye... kandi bitangaje!

Izagarura ibihe byari byarabuze. Izazura amagufwa yumye yo mukibaya Ezekiyeli37. Izahembura umugeni we mwiza imwigarurire mu rukundo rw'iteka.

VI.UBURYO BWO GUSANA IGICANIRO.

Biroroshye kuvuga amagambo y'imbuye hamwe y'imbura mumaro arenga azamura intego nziza, ariko aterekana ubusobanuro bwiza bwo gusohoza no kugera kuri izo ntego, tugasigara tuzenguruka tudafite icyerekezo. Nyuma y'igihe, ishyaka rigeraho rigashira, ugasanga tugumye hahandi mu bisanzwe twigeze kubamo. Tugomba kumenya uburyo bwo gusana igicaniro munsengero zacu kikazana umunezero uyobora ishyaka rikomeza gukura rikagenda rikagera no mugace dutuyemo. Ni he dukura imbaraga n'inyota, urukundo n'umunezero bidusunika kurenga kamere tugasohoza ibi bintu twumva tugomba gukora? Ni gute dusana igicaniro mu rusengero kigakomeza kigera hanze mu baturanyi kikarema umunezero ubasha kuzana ububyutse?

Yesu yaravuze ngo turi umunyu w'isi; turi impumuro irunga ibiryo duhereza isi.Umunyu wacu ugomba kuryoshya cyane ibyo biryo bituma abadakijijwe bakomeza kwifuza cyane iryo funguro,ariko niba umunyu wacu utakaje ubwo buryohe ntacyo uba ukimaze. Nituzana abadakijijwe mu nsengero zidafite umuriro waka muri zo, niba umunyu udafite uburyohe muri wo,bazisubirira aho bavuye. Niba udafite icyo ubaha kirenze icyo babona mu isi, nonese ni iki cyatuma batanga ubuzima bwabo muri iryo dini ryawe ripfuye?

Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ni imbaraga y'Imana itugeza ku gakiza. Ntabwo ari imitekerereze ipfuye ivuga Imana, ntabwo ari ibitekerezo bishya by'ubwenge biganisha ku buzima no ku bugingo bw'iteka. Niba ari izo nyigisho utanga noneho nta butumwa bwiza ufite na gato, kandi nta kintu ufite cyo guha abadakijijwe banyotewe n'ukuri. Dukeneye imbaraga mu butumwa bwacu n'umuriro mu nsengero zacu. Ubumenyi bw'iyobokamana ku isi nta cyiza buzakora budafite umuriro. Ariko iyo hari umuriro waka mu rusengero, byose birakoreka mu buryo bwiza kandi bworoshye. Umunezero uraza muri mu kristo wo mu iteraniro kugeza ubwo bisanga ubwabo bahagurutse bajya kubwira abaturanyi ikiriho kiba mu rusengero. Abaturanyi bakabyibonera n'amaso yabo bakabyiyumvira n'amatwi yabo, ndetse uwo munezero ugatangira gukwirakwizwa ahantu hose. Nkuko umuriro wageze mu byatsi byumwe ukongeza niko ni uwo muriro utabasha kuzimywa.

Ikintu cyonyine kibasha gukongeza umuriro ni undi muriro. Gusobanukirwa byoroshye uko bubaka igicaniro mu rusengero, mbere na mbere tugomba kubaka igicaniro mu muntu kugiti cye mu rusengero. Umuriro ukaka ujya mbere ntusubire inyuma. Umuriro wo k'uruhimbi uzazana gusa kwemeza imitima y'abantu. Umuriro ugomba gutangirira mu ntebe z'abanyetorero, biturutse aho bizakwira mu itorero ndetse winjire no murusengero ahasigaye hose.

Ni gute tubikora? Igiusubizo cyoroshye natanga; byose mu gukorera Umwami iteka bitangirira hasi bijya muri izi nzira ebyiri: gusoma no gusenga. Bitangirana n'ijambo ry'Imana kuko ari ryo soko y'imbaraga z'Imana zose. Ni ijambo ry'Imana ryaremye isi yose, kandi niryo rizazana ububyutse kugirango ku iherezo icyubahiro kibe icy'Uwiteka, cye kuba icy'umwana w'umuntu.

Ijambo riguha kumenya no gusobanukirwa, riguha ubwenge bwo kubaha Imana no kurobanura ibintu byose by'umwuka. Rirakuhagira mu biguhumanya rikaguha imbaraga hejuru y'icyaha. Riguha umucyo kugira ngo uhweze n'amatwi ngo wumve... ndetse rikaguha imbaraga zo gusenga.

Niba ugiye gusenga, ugomba kwizera ibyo usengera; niba atari ibyo ntibizakuryohera kuko udafite kwizera ntibishoboka ko anezeza Imana (Abaheburayo11:6). None kwizera ukuvana he? Mu kumva ijambo ry'Imana (Abaroma10:17). Rero ni ijambo ry'Imana riguha kwizera no kukubashisha gusenga.

Ariko gucana igicaniro, ukeneye amavuta n'igishashi cy'umuriro, Ijambo ry'Imana niyo mavuta naho isengesho n'igishashi cy'umuriro. Kimwe kiri ukwacyo ntikibasha kwaka ariko ubishyize hamwe, uzabona umuriro.

Iyo ufashe kwizera wakiriye binyuze mu ijambo ry'Imana no gusengera imbere y'intebe y'Imana, Umwuka n'ijambo biremeranya bikaba ikintu kimwe (1Yohana5:7) yanyuma Umwuka w'Imana akamanuka. Ugafata uwo mwuka wakiriye mu masengesho ugasubira mu ijambo uragenda ukajya imuhengeri. Iyo wageze imuhengeri amatwi yawe arafunguka cyane noneho kwizera kwawe kukiyongera. Ukongera ugafa kwizera kwawe kwiyongereye ugasubira mu masengesho uratumbagira. Watumbagira ukajya hejuru cyane mu mwuka. Ukongera ukajya mu mwuka ugasoma ijambo ry'Imana noneho ukarushaho kujya imuhengeri. Ugasubira imbere y'intebe y'Imana mu masengesho; Ukongera ukajya imuhengeri mu ijambory'Imana, nanone ukimbika mu masengesho;ugakomeza, ugakomeza kugeza aho umuriro utangira kugurumana mu mutima wawe umuriro ukaka! uko niko bikorwa!

Kandi iyo uri kwaka mu mwuka, ubasha kwatsa n'abandi, kandi nabo bazacanira n'abandi benshi uwo muriro... uzakwirakwira nk'umuriro utabasha guhagarikwa mu rusengero rwawe. Iyo itorero ryawe ryaka umuriro, uzagenda ugere n'ahandi hose mu baturanyi. Kandi abaturanyi nibamara gufatwa n'umuriro, uzakomeza wake kugeza ubwo ububyutse buzamanuka buva ku bicu. Ntakindi cyabasha kubuhagarika. Ariko ibyo byose bitangirana no gusoma ijambo ry'Imana.

Copyright © 2013, Dalen Garris
All rights reserved.

No part of this book may be reproduced, stored in a retrieval system, or transmitted by any means, electronic, mechanical, photocopying, recording, or otherwise, without written permission from the author.
Duplication this publication is free of charge but only with permission from the author.

All Scripture references are taken from the King James Version of the Bible.

ISBN 978-1-625-17179-5

Please contact:

Dalen Garris
RevivalFire Ministries
PO Box 69, Waxahachie, TX 75168

(972) 923-3284

dale@revivalfire.org